<p>bwa Leta cyangwa urwego rwegerejwe abaturage kwishyura inyungu, umwenda fatizo cyangwa byombi ku bayitanze, ku matariki y'igihe kiri imbere;</p> <p><b>30° urwego rwa Leta:</b> urwego rwo mu butegetsi bwite bwa Leta, urwego rwegerejwe abaturage, ishami ry'urwego rwa Leta, urwego rwihariye mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta, ikigo cya Leta gikora imirimo itari iy'ubucuruzi, isosiyete y'ubucuruzi ya Leta cyangwa indi sosiyete igenzurwa na Leta;</p> <p><b>31° urwego rwegerejwe abaturage:</b> urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage rufite ubuzimagatozi;</p> <p><b>32° urwego rwihariye mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta:</b> urwego rwigenga rwashyizweho n'itegeko kugira ngo rukore inshingano zihariye rudakoresheje ingengo y'imari ya Leta;</p> <p><b>33° urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta:</b> urwego Leta igenera ingengo y'imari mu itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta ya buri mwaka kandi</p>	<p>principal or both by the central Government or a decentralised entity as a debtor to creditors at dates in the future;</p> <p><b>30° public sector entity:</b> a central Government entity, decentralised entity, subsidiary entity, specialised organ in terms of public finance management, non-commercial public institution, State-owned company or any other public corporation;</p> <p><b>31° decentralised entity:</b> a decentralised administrative entity with legal personality;</p> <p><b>32° special organ in terms of public finance management:</b> an autonomous entity established by Law to discharge specific responsibilities and which does not receive State budget appropriations;</p> <p><b>33° central Government entity:</b> an entity, other than a decentralised entity, to which the Government allocates funds in the State Finance</p>	<p>principal ou les deux à la fois par l'administration centrale ou par une entité décentralisée en tant que débiteur envers des créanciers à des dates futures ;</p> <p><b>30° entité publique :</b> entité de l'administration centrale, entité décentralisée, entité affiliée, organe spécialisé en termes de gestion des finances publiques, établissement public à caractère non commercial, société commerciale de l'État ou toute autre entreprise publique ;</p> <p><b>31° entité décentralisée :</b> entité administrative décentralisée dotée de la personnalité juridique ;</p> <p><b>32° organe spécial en termes de gestion des finances de l'État :</b> entité autonome créée par la loi pour s'acquitter des attributions spécifiques et qui ne bénéficie pas de dotations budgétaires de l'État ;</p> <p><b>33° entité de l'administration centrale :</b> entité, autre qu'une entité décentralisée, à laquelle l'État alloue, pour chaque exercice, des fonds dans la loi de</p>
--	--	---

<p>amafaranga yose rukoresha akaba aturuka mu ngengo y'imari ya Leta, ariko rukaba atari urwego rwegerejwe abaturatione.</p>	<p>Law every fiscal year and which is funded by the State budget.</p>	<p>finances de l'État et qui est financée par le budget de l'État.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Amahame shingiro y'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Fundamental principles of public finance management</u></b></p>	<p><b><u>Article 4 : Principes fondamentaux de la gestion des finances publiques</u></b></p>
<p>Urwego rwa Leta rugomba kubahiriza amahame shingiro y'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta akurikira:</p>	<p>A public sector entity must adhere to the following fundamental principles of public finance management:</p>	<p>Une entité publique doit adhérer aux principes fondamentaux de la gestion des finances publiques suivants :</p>
<p>1° ihame ryo kubumbira hamwe, risaba ko amafaranga yose yinjira, asohoka n'atangwa ku bikorwa agomba kuba akubiye mu ngengo y'imari;</p>	<p>1° comprehensiveness, which requires all revenue, expenditure, and financing transactions to be included in the budget;</p>	<p>1° l'exhaustivité, qui exige que toutes les opérations de recettes, de dépenses et de financement soient inscrites au budget ;</p>
<p>2° ihame ryo gukorera mu mucyo, risaba kugaragariza no korohereza rubanda kubona amakuru ku byerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta;</p>	<p>2° transparency, which requires openness and availability of information to the public on matters relating to public finance management;</p>	<p>2° la transparence, qui exige l'ouverture au public et la mise à disposition de ce dernier des informations sur des questions relatives à la gestion des finances publiques ;</p>
<p>3° ihame ryo kubazwa ibyakozwe, risaba ko Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta n'umukozi yahaye ububasha, umuyobozi w'urwego rwa Leta, Inama y'Ubuyobozi n'umuyobozi w'ishami ry'urwego rwa Leta bashyira mu bikorwa inshingano zabo zivugwa muri iri tegeko ngenga kandi bubahirije</p>	<p>3° accountability, which requires the Chief Budget Manager and his or her delegated staff member, executive head, board of directors, and head of a subsidiary entity to perform their duties specified under this Organic Law and in conformity with Laws relating to public finance management;</p>	<p>3° la responsabilité, qui exige du gestionnaire principal du budget et d'un membre du personnel délégué par lui, du responsable exécutif, du conseil d'administration et du responsable d'une entité affiliée qu'ils remplissent leurs fonctions prévues par la présente loi organique et</p>

<p>amategeko afitanye isano n'amicungire y'imari n'umutungo bya Leta;</p> <p>4° ihame ryo gukora mu buryo bumwe, risaba inzego zose za Leta gukurikiza ibyiciro bimwe by'ingengo y'imari, gahunda y'ibaruramari n'inyandiko zose zerekeye ingengo y'imari, amahame y'ibaruramari n'imitangire ya raporo bigenwa na Minisitiri;</p> <p>5° ihame ryo guhuza, risaba ko amafaranga ya Leta yose acungirwa kuri konti imwe rukumbi y'ikigega cya Leta;</p> <p>6° ihame ryo kwita ku buringanire bw'abagore n'abagabo no gutanga amahirwe angana kuri bose mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta, risaba guteza imbere uburinganire bw'abagabo n'abagore n'uruhare rw'ibyiciro by'abaturage bose b'Igihugu mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta;</p> <p>7° ihame ryo kudahunyabana k'ubukungu, risaba kubahiriza intego za politiki y'ubukungu;</p> <p>8° ihame ryo kugera ku ntego, risaba ko mu micungire y'imari n'umutungo bya</p>	<p>4° uniformity, which requires all public sector entities to follow a uniform budget classification, chart of accounts, budget documentation and accounting standards as well as reporting templates determined by the Minister;</p> <p>5° consolidation, which requires all public funds to be managed through the treasury single account;</p> <p>6° gender equality and social inclusiveness in public finance management, which requires the promotion of gender equality and participation of all people in the society in public finance management;</p> <p>7° fiscal sustainability, which requires compliance with economic policy goals;</p> <p>8° results-orientation, which requires striving for compliance with defined</p>	<p>conformément aux lois relatives à la gestion des finances publiques ;</p> <p>4° l'uniformité, qui exige que toutes les entités publiques suivent une classification budgétaire, un plan comptable et une documentation budgétaire uniformes ainsi que les normes comptables et les modèles de rapport déterminés par le Ministre ;</p> <p>5° la consolidation, qui exige que tous les fonds publics soient gérés par le biais du compte unique du trésor ;</p> <p>6° l'égalité des sexes et l'inclusion sociale dans la gestion des finances publiques, qui exige la promotion de l'égalité des sexes et la participation de tous les membres de la société dans la gestion des finances publiques;</p> <p>7° la viabilité budgétaire, qui exige le respect des objectifs en matière de politique économique ;</p> <p>8° l'orientation vers les résultats, qui exige que l'on s'efforce de respecter</p>
--	--	---

<p>Leta hitabwa ku kugera ku ntego zagenwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Amafaranga adateganyijwe mu ngengo y'imari</u></b></p> <p>Amafaranga yose yinjizwa n'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta, harimo n'ayo zinjiza akomotse ku byo zikora, impano, inguzanyo n'andi yose zikoresha hatitawe ku nkomoko yayo, yose ashirwa mu itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta.</p> <p>Amafaranga yinjizwa n'inzego zegerejwe abaturatione, harimo n'ayo zinjiza ubwazo, impano zikomoka ku ngengo y'imari ya Leta n'izikomoka ahandi, inyungu zikomoka ku nguzanyo, n'andi yose izo nzego zikoresha hatitawe ku nkomoko yayo, yose ashirwa mu ngengo y'imari y'urwego rwegerejwe abaturatione.</p> <p>Urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta, urwego rwegerejwe abaturatione cyangwa ishami ry'urwego rwa Leta ntibishobora gukoresha amafaranga adateganyijwe mu ngengo y'imari, keretse byemejwe n'inzego zibifitiye ububasha.</p>	<p>objectives when carrying out public finance management.</p> <p><b><u>Article 5: Extrabudgetary funds</u></b></p> <p>All revenue of central Government entities, including internally generated revenue, grants, proceeds from loans and all their expenditure, regardless of financing sources, are included in the State Finance Law.</p> <p>The revenue of decentralised entities, including their own revenue, grants from the State budget and external sources, proceeds from loans, and all their expenditure, regardless of financing sources, are included in their respective budgets.</p> <p>A central Government entity, decentralised entity or subsidiary entity cannot incur extrabudgetary expenditure unless authorized by competent authorities.</p>	<p>les objectifs définis lorsque l'on réalise la gestion des finances publiques.</p> <p><b><u>Article 5 : Fonds extrabudgétaires</u></b></p> <p>Toutes les recettes des entités de l'administration centrale, y compris les recettes générées en interne, les subventions, le produit du prêt et toutes leurs dépenses, quelles qu'en soient les sources de financement, sont incluses dans la loi de finances de l'État.</p> <p>Les recettes des entités décentralisées, y compris leurs recettes propres, les subventions provenant du budget de l'État et des sources externes, le montant des prêts ainsi que toutes leurs dépenses, quelles qu'en soient les sources de financement, sont incluses dans leurs budgets respectifs.</p> <p>Une entité de l'administration centrale, une entité décentralisée ou une entité affiliée ne peuvent engager des dépenses extrabudgétaires à moins d'y être autorisées par les autorités compétentes.</p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 6: Ikigega gihurizwamo amafaranga y'ubutegetsi bwite bwa Leta</u></b></p> <p>Kugira ngo habe imicungire inoze y'ingengo y'imari ya Leta, hashyizweho ikigega gihurizwamo amafaranga yose, yinjira n'ahari, harimo n'akomoka ku bikorwa by'inzeho z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'ibigo bizikomokaho hamwe n'inguzanyo n'inkunga izo nzego zishobora kubona.</p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Ikigega gihurizwamo amafaranga ku rwego rwegerejwe abaturage</u></b></p> <p>Mu rwego rwegerejwe abaturage, Inama Njyanama ishyiraho ikigega gihurizwamo amafaranga ya Leta, kandi kigakoreshwa hakurikijwe amahame shingiro yerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta ateganyijwe mu ngingo ya 4 y'iri tegeko ngenga.</p> <p>Amafaraanga yose yinjira mu rwego rwegerejwe abaturage no mu ishami ryarwo, harimo imisoro ishyirwaho n'amategeko yeguriwe inzego zegerejwe abaturage n'andi yinjizwa n'izo nzego, akomoka ku ngengo y'imari ya Leta, inguzanyo n'impano, yose ashirwa mu kigega gihurizwamo amafaranga kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.</p>	<p><b><u>Article 6: Consolidated fund of the central Government</u></b></p> <p>For effective management of the State budget, there is hereby established a consolidated fund, which constitutes all revenue and resources, including internally generated revenue and loans and grants, of central Government entities and those of their subsidiary entities.</p> <p><b><u>Article 7: Consolidated fund of a decentralised entity</u></b></p> <p>In a decentralised entity, the Council establishes a consolidated fund which constitutes the public money and that is operated in accordance with fundamental principles of public finance management as provided for under Article 4 of this Organic Law.</p> <p>All revenue of a decentralised entity and its subsidiary entity, including taxes established by Law for decentralised entities and other own revenues, resources from the State budget, loans and grants constitute the consolidated fund provided for under Paragraph One of this Article.</p>	<p><b><u>Article 6: Fonds consolidé de l'administration centrale</u></b></p> <p>Pour une gestion efficace du budget de l'État, il est créé un fonds consolidé qui réunit toutes les recettes et ressources, y compris les recettes générées en interne, les prêts et subventions, des entités de l'administration centrale et celles de leurs entités affiliées.</p> <p><b><u>Article 7: Fonds consolidé d'une entité décentralisée</u></b></p> <p>Dans une entité décentralisée, le Conseil crée un fonds consolidé qui réunit les deniers publics et qui est géré conformément aux principes fondamentaux de la gestion des finances publiques prévus à l'article 4 de la présente loi organique.</p> <p>Toutes les recettes d'une entité décentralisée et de son entité affiliée, y compris les impôts fixés par la loi pour les entités décentralisées et autres recettes propres, les ressources provenant du budget de l'État, les prêts et subventions constituent le fonds consolidé prévu à l'alinéa premier du présent article.</p>
--	---	---



<p><b><u>Ingingo ya 8: Ibigega byihariye</u></b></p> <p>Ibigega byihariye byose by'ubutegetsi bwite bwa Leta n'iby'inzeho zegerejwe abaturage bibarirwa mu bigega bihurizwamo amafaranga kandi amafaranga abyinjiramo n'akoreshwa abarirwa mu ngengo y'imari y'izo nzego. Konti za banki zose z'ibigega byihariye ziri mu zigize konti imwe rukumbi y'ikigega cya Leta.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa kugira ngo ibigega byihariye bishyirweho, bicungwe, bitangirwe raporo cyangwa biseswe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 9: Kubikuzwa amafaranga mu kigega gihurizwamo amafaranga</u></b></p> <p>Kubikuzwa amafaranga mu kigega gihurizwamo amafaranga y'ubutegetsi bwite bwa Leta n'ay'icy'urwego rwegerejwe abaturage birabujijwe, uretse igihe ayo mafaranga ari mu yagenwe mu ngengo y'imari ya Leta cyangwa mu ngengo y'imari y'urwego rwegerejwe abaturage.</p> <p>Amafara nganga yishyurwa n'inzeho zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo mu buryo bwa avansi cyangwa avansi z'agateganyo ashobora gutangwa gusa ku byateganyirijwe amafaranga mu ngengo y'imari.</p>	<p><b><u>Article 8: Special funds</u></b></p> <p>All special funds of the central Government and decentralised entities form part of the consolidated funds and their revenue and expenditure are included in the budget of such entities. All bank accounts of special funds are included in the treasury single account.</p> <p>A Ministerial Order determines requirements for the establishment, management, reporting or dissolution of special funds.</p> <p><b><u>Article 9: Withdrawal of money from the consolidated fund</u></b></p> <p>Any withdrawal of money from the consolidated fund in the central Government and decentralised entity is prohibited, except under appropriations of the State budget or the budget of the decentralised entity.</p> <p>Payments of advances and imprests by the entities provided for under Paragraph One of this Article may be made only for expenditure authorised under budget appropriations.</p>	<p><b><u>Article 8 : Fonds spéciaux</u></b></p> <p>Tous les fonds spéciaux des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées font partie des fonds consolidés et leurs recettes et dépenses sont incluses dans les budgets de ces entités. Tous les comptes bancaires des fonds spéciaux sont inclus dans le compte unique du trésor.</p> <p>Un Arrêté ministériel détermine les exigences relatives à la création, à la gestion, à l'établissement de rapports ou à la dissolution des fonds spéciaux.</p> <p><b><u>Article 9 : Retrait d'argent du fonds consolidé</u></b></p> <p>Tout retrait d'argent du fonds consolidé de l'entité de l'administration centrale ou de l'entité décentralisée est interdit, sauf au titre des dotations inscrites au budget de l'État ou au budget de l'entité décentralisée.</p> <p>Les paiements d'avances et par régies d'avances par les entités visées à l'alinéa premier du présent article ne peuvent être effectués que pour les dépenses autorisées au titre des dotations budgétaires.</p>
--	--	--

<p>Amafaranga yishyurwa ibyemezo bikomoka mu ngengo y'imari y'umwaka w'ingengo y'imari urangiye agomba guteganywa mu ngengo y'imari y'umwaka w'ingengo y'imari mushya, uretse igihe amafaranga yari yaragenewe ibyo byemezo yimuwe mu buryo buteganywa n'iri tegeko ngenga.</p> <p>Amafaranga yishyurwa akuwe mu buryo butaziguye mu bigega bihurizwamo amafaranga agomba kuba atarenze ayateganyijwe mu ngengo y'imari.</p> <p>Icyakora, amafaranga y'umusoro asubizwa ashobora gutangwa atateganyijwe mu ngengo y'imari, uretse amafaranga y'umusoro asubizwa mu buryo bwihariye agomba kuba yaragenwe mu ngengo y'imari.</p> <p><b>UMUTWE WA II: UBUBASHA N'INSHINGANO MU MICUNGIRE Y'IMARI N'UMUTUNGO BYA LETA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Ububasha n'inshingano by'Inteko Ishinga Amategeko</b></p> <p>Umutwe w'Abadepite ufite ububasha n'inshingano bikurikira:</p> <p>1° gusuzuma imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta no kuyitangaho ibitekerezo;</p>	<p>Payments for settlement of commitments made in a previous fiscal year require an appropriation under the budget for the current fiscal year, unless the previous year's appropriation is carried over in accordance with the provisions of this Organic Law.</p> <p>Payments by direct debits from the consolidated funds must be made within the limit of budget appropriations.</p> <p>However, tax refunds may be paid without an appropriation under the budget, except for specific tax refunds which require appropriations under the budget.</p> <p><b>CHAPTER II: POWERS AND RESPONSIBILITIES IN PUBLIC FINANCE MANAGEMENT</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Powers and responsibilities of Parliament</b></p> <p>The Chamber of Deputies has the following powers and responsibilities:</p> <p>1° to consider and give its opinion on the budget framework paper;</p>	<p>Les paiements en vue de la liquidation des engagements pris au cours d'un exercice précédent exigent une dotation au titre du budget de l'exercice en cours à moins que la dotation de l'exercice précédente ne fasse l'objet d'un report conformément aux dispositions de la présente loi organique.</p> <p>Les paiements par prélèvements automatiques à partir des fonds consolidés doivent être effectués dans la limite des dotations budgétaires.</p> <p>Toutefois, les remboursements de taxes et impôts peuvent se faire sans dotation au titre du budget, exception faite de certains remboursements de taxes et impôts qui exigent des dotations au titre du budget.</p> <p><b>CHAPITRE II: POUVOIRS ET ATTRIBUTIONS DANS LA GESTION DES FINANCES PUBLIQUES</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Pouvoirs et attributions du Parlement</b></p> <p>La Chambre des Députés a les pouvoirs et attributions suivants :</p> <p>1° examiner le document-cadre du budget et y donner son avis ;</p>
---	--	---

<p>2° kwemeza ingengo y'imari ya Leta ya buri mwaka n'ivugururwa ryayo;</p> <p>3° kuvugurura ingengo y'imari ya Leta hadahinduwe ikinyuranyo cy'ingengo y'imari kandi harebwa ko ibyasabwe byahindura amafaranga ya Leta asohoka cyangwa yinjira no kugaragaza uburyo byakorwa;</p> <p>4° gusaba ugize Guverinoma, Inama y'Ubuyobozi, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta n'Umuyobozi w'urwego rwa Leta kuwitaba kugira ngo basobanure politiki, gahunda n'imikoreshereze by'ingengo y'imari.</p> <p>Sena ifite ububasha n'inshingano bikurikira:</p> <p>1° gutanga ibitekerezo ku mbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta;</p> <p>2° gushyikiriza Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta mbere y'uko wemezwa burundu;</p>	<p>2° to adopt the State budget for each fiscal year and its revision;</p> <p>3° to revise the State budget without altering the fiscal balance, while ensuring that any proposed amendment with the potential to change revenue or expenditure indicates proposals to maintain the fiscal balance;</p> <p>4° to require a Cabinet member, the board of directors, the Chief Budget Manager and executive head to appear before it and explain policies, programs and use of the budget;</p> <p>The Senate has the following powers and responsibilities:</p> <p>1° to give its opinion on the budget framework paper;</p> <p>2° to submit to the Chamber of Deputies its opinion on the State Finance Bill prior to its final adoption;</p>	<p>2° adopter le budget de l'État pour chaque exercice et sa révision ;</p> <p>3° réviser le budget de l'État sans modifier le solde budgétaire, tout en veillant à ce que toute modification proposée susceptible de modifier les recettes ou les dépenses indique les propositions permettant le maintien du solde budgétaire ;</p> <p>4° exiger d'un membre du Gouvernement, du conseil d'administration, du Gestionnaire principal du budget et du responsable exécutif qu'ils comparaissent devant elle pour expliquer des politiques, des programmes et l'utilisation du budget.</p> <p>Le Sénat a les pouvoirs et attributions suivants :</p> <p>1° donner son avis sur le document-cadre du budget ;</p> <p>2° soumettre à la Chambre des Députés son avis sur le projet de loi de finances de l'État avant son adoption définitive ;</p>
---	--	---

<p>3° gushyikiriza Umutwe w'Abadepite ibitekerezo ku mushinga w'ingengo y'imari ya Leta ivuguruye.</p> <p>Ingengo y'imari ya buri mwaka hamwe n'ingengo y'imari ivuguruye z'inzego za Leta zemezwa n'inzego zazo zibifitiye ububasha zigashyikirizwa Umutwe w'Abadepite ari kimwe mu bigize itegeko ry'ingengo y'imari. Ingengo y'imari yose y'izo nzego ikubiyemo amafaranga akomoka ku ngengo y'imari ya Leta.</p> <p>Uburyo bwo kwemeza ingengo y'imari ya Leta bukurikiza ibiteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015 hamwe n'ibiteganywa n'iri tegeko ngenga.</p> <p>Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko isuzuma raporo y'umwaka y'igenzura itangwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta igafata ibyemezo bya ngombwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11: Ububasha n'inshingano by'Inama Njyanama y'urwego rwegerejwe abaturatione</u></b></p> <p>Inama Njyanama y'urwego rwegerejwe abaturatione ifite ububasha bwo kwemeza ingengo y'imari ya buri mwaka y'urwego rwegerejwe abaturatione no kuyivugurura.</p>	<p>3° to submit to the Chamber of Deputies its opinion on the revised draft State budget.</p> <p>The annual budget and revised budget of public sector entities are approved by their respective competent organs and submitted to the Chamber of Deputies as an integral part of the State Finance Law. The total budget of such entities includes transfers from the State budget.</p> <p>The procedure for adopting the State budget takes place in compliance with the provisions of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 and with the provisions of this Organic Law.</p> <p>Both Chambers of Parliament consider the annual audit report of the Auditor General of State Finances and take appropriate action.</p> <p><b><u>Article 11: Powers and responsibilities of the Council of a decentralised entity</u></b></p> <p>The Council of a decentralised entity has powers to adopt and revise the annual budget of such an entity.</p>	<p>3° soumettre à la Chambre des Députés son avis sur le projet de budget révisé de l'État.</p> <p>Le budget annuel et le budget révisé des entités publiques sont approuvés par leurs organes compétents respectifs et soumis à la Chambre des Députés en tant que partie intégrante de la loi de finances de l'État. Le budget total de ces entités comprend les transferts du budget de l'État.</p> <p>La procédure d'adoption du budget de l'État se conforme aux dispositions de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015 et à celles de la présente loi organique.</p> <p>Les deux Chambres du Parlement examinent le rapport d'audit annuel de l'Auditeur général des Finances de l'État et prennent des mesures appropriées.</p> <p><b><u>Article 11: Pouvoirs et attributions du Conseil d'une entité décentralisée</u></b></p> <p>Le Conseil d'une entité décentralisée dispose des pouvoirs d'adopter et de réviser le budget annuel d'une telle entité.</p>
--	---	---

<p>Uburyo bwo kwemeza ingengo y'imari y'urwego rwegerejwe abaturage bugenwa n'amabwiriza yemezwa n'Inama Njyanama yarwo hubahirijwe amahame shingiro yerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta ateganyijwe muri iri tegeko ngenga, amategeko yihariye agenga izo nzego n'imirongo ngenderwaho rusange itangwa na Minisitiri.</p>	<p>The procedure for adoption of the budget of a decentralised entity is determined by instructions adopted by the Council of such an entity in conformity with the fundamental principles of public finance management provided for under this Organic Law, specific Laws governing decentralised entities and general guidelines issued by the Minister.</p>	<p>La procédure d'adoption du budget d'une entité décentralisée est déterminée par les instructions adoptées par le Conseil de cette entité conformément aux principes fondamentaux de la gestion des finances publiques prévus par la présente loi organique, aux lois spécifiques régissant les entités décentralisées et aux lignes directrices générales émises par le Ministre.</p>
<p>Inama Njyanama y'urwego rwegerejwe abaturage ifite kandi ububasha bwo kuvugurura ingengo y'imari y'urwo rwego hadahinduwe ikinyuranyo cy'ingengo y'imari kandi harebwa ko ibyasabwe byahindura amafaranga ya Leta asohoka cyangwa yinjira ikagaragaza uburyo byakorwa.</p>	<p>The Council of a decentralised entity also has powers to revise the budget of such an entity without altering the fiscal balance, while ensuring that any proposed amendments with the potential to change revenue or expenditure indicate proposals to maintain the fiscal balance.</p>	<p>Le Conseil d'une entité décentralisée dispose également des pouvoirs de réviser le budget d'une telle entité sans modifier le solde budgétaire, tout en veillant à ce que toute modification proposée susceptible de modifier les recettes ou les dépenses indique les propositions permettant le maintien du solde budgétaire.</p>
<p>Inama Njyanama y'urwego rwegerejwe abaturage ifite ububasha bwo guhamagaza abagize Komite Nyobozi n'umuyobozi mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta kuyitaba no gusobanura politiki, gahunda n'imikoreshereze by'ingengo y'imari y'urwo rwego.</p>	<p>The Council of a decentralised entity has powers to require members of the Executive Committee and Chief Budget Manager to appear before it and explain policies, programs and use of the budget of such an entity.</p>	<p>Le Conseil d'une entité décentralisée dispose des pouvoirs d'exiger des membres du Comité exécutif et du gestionnaire principal du budget qu'ils comparaissent devant lui pour expliquer les politiques, les programmes et l'utilisation du budget d'une telle entité.</p>
<p>Bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko ngenga, Inama Njyanama y'urwego rwegerejwe abaturage yemeza ko umutungo utagishobora kugaruzwa n'imyenda imaze</p>	<p>Without prejudice to the provisions of this Organic Law, the Council of a decentralised entity authorizes the write-off of irrecoverable assets and long outstanding liabilities.</p>	<p>Sans préjudice des dispositions de la présente loi organique, le Conseil d'une entité décentralisée autorise la radiation des actifs</p>

<p>igihe kirekire itishyurwa bisibwa mu bitabo by'ibaruramari.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12: Ububasha n'inshingano by'Inama y'Abaminisitiri</u></b></p> <p>Inama y'Abaminisitiri ifite ububasha n'inshingano bikurikira:</p> <p>1° kwemeza inyandiko igaragaza ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari ikubiyemo intego n'ingamba zisesuye za Leta n'ibigomba kwitabwaho mbere y'ibindi muri politiki y'ingengo y'imari ku mwaka w'ingengo y'imari ukurikira no ku myaka ibiri (2) ikurikiranye nyuma y'umwaka urebwa n'ingengo y'imari;</p> <p>2° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari cyane cyane intego z'amafaranga yose yinjira, amafaranga yose asohoka, ikinyuranyo ku ngengo y'imari n'umwenda wa Leta;</p> <p>3° kwemeza umushinga w'itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta ya buri mwaka;</p> <p>4° kwemeza umushinga w'itegeko rivugurura ingengo y'imari ya Leta;</p>	<p><b><u>Article 12: Powers and responsibilities of the Cabinet</u></b></p> <p>The Cabinet has the following powers and responsibilities:</p> <p>1° to adopt the planning and budget outlook paper, including the Government's broad strategic objectives and priorities for fiscal policies for the next fiscal year and for the next two (2) successive years after the relevant fiscal year;</p> <p>2° to adopt the budget framework paper, especially the targets for aggregate revenue, aggregate expenditure, fiscal balance and public debt;</p> <p>3° to adopt the State Finance Bill for each fiscal year;</p> <p>4° to adopt the revised State Finance Bill;</p>	<p>irrécouvrables et des passifs en souffrance depuis longtemps.</p> <p><b><u>Article 12: Pouvoirs et attributions du Conseil des Ministres</u></b></p> <p>Le Conseil des Ministres a les pouvoirs et attributions suivants :</p> <p>1° adopter le document de planification et de perspectives budgétaires, y compris les grands objectifs stratégiques et priorités du Gouvernement en matière de politiques budgétaires pour l'exercice suivant et pour les deux (2) années consécutives suivant l'exercice concerné;</p> <p>2° adopter le document-cadre du budget, en particulier les objectifs en matière de recettes globales, de dépenses globales, de solde budgétaire et de dette publique ;</p> <p>3° adopter le projet de loi de finances de l'État pour chaque exercice ;</p> <p>4° adopter le projet de loi de finances de l'État révisée ;</p>
--	--	---

<p>5° kwemeza ibigenderwaho mu guha inkunga inzego zegerejwe abaturage;</p> <p>6° gusuzuma no kwemeza raporo ihujwe y’amezi atandatu (6) yateguwe na Minisiteri yerekeye ishyirwa mu bikorwa ry’ingengo y’imari ya Leta;</p> <p>7° gusuzuma no kwemeza raporo y’ibaruramari ya Leta ihujwe yateguwe na Minisiteri.</p>	<p>5° to adopt the formula for allocation of grants to decentralised entities;</p> <p>6° to consider and adopt the mid-year consolidated budget execution report prepared by the Ministry;</p> <p>7° to consider and adopt the consolidated financial statements prepared by the Ministry.</p>	<p>5° adopter la formule d’attribution de subventions aux entités décentralisées ;</p> <p>6° examiner et adopter le rapport semestriel d’exécution du budget consolidé préparé par le Ministère;</p> <p>7° examiner et adopter les états financiers consolidés préparés par le Ministère.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13: Inshingano za Minisitiri</u></b></p>	<p><b><u>Article 13: Duties of the Minister</u></b></p>	<p><b><u>Article 13 : Fonctions du Ministre</u></b></p>
<p>Minisitiri afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y’ubukungu rusange n’ingengo y’imari ya Leta;</p> <p>2° gutegura no gushyikiriza Inama y’Abaminisitiri inyandiko igaragaza ishusho y’igenamigambi n’iy’ingengo y’imari, imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya Leta, umushinga w’itegeko ry’ingengo y’imari ya Leta ya buri mwaka n’uw’iriyivugurura ;</p> <p>3° kugira inama Guverinoma kuri politiki y’ingengo y’imari kugira ngo intego n’ingamba bigamijwe ku rwego rw’Igihugu bishobore kugerwaho,</p>	<p>The Minister has the following duties:</p> <p>1° to prepare and implement the macroeconomic and fiscal framework;</p> <p>2° to prepare and submit to the Cabinet the planning and budget outlook paper, budget framework paper, the State Finance Bill for each year and the revised State Finance Bill;</p> <p>3° to advise the Government on the fiscal policy to attain national objectives and targets, taking into account</p>	<p>Le Ministre assume les fonctions suivantes :</p> <p>1° préparer et mettre en œuvre le cadre macroéconomique et budgétaire ;</p> <p>2° préparer et soumettre au Conseil des Ministres le document de planification et de perspectives budgétaires, le document-cadre du budget, le projet de loi de finances de l’État et le projet de loi de finances de l’État révisée ;</p> <p>3° conseiller le Gouvernement sur la politique budgétaire pour atteindre les objectifs et cibles nationaux, en tenant compte des accords conclus dans le</p>

<p>hakurikijwe amasezerano ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga;</p> <p>4° guteza imbere imicungire ihamye y'imari ya Leta, amahame n'imigirire mu gukoresha amafaranga ya Leta;</p> <p>5° kugena igihe raporo zitegurwa n'inzezo za Leta zigomba gutangirwa, imiterere yazo n'ibigomba kuba bikubiyemo;</p> <p>6° gukoresha umutungo uhari yita ku micungire inoze y'amafaranga ahari n'imyenda hagamijwe gukoresha amafaranga mu byo yagenewe mu ngengo y'imari ya Leta;</p> <p>7° guhuza, kugenzura no gukurikirana imicungire y'imari y'inzezo z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'iy'inzezo zegerejwe abaturage, umutungo n'imyenda harimo impano n'inguzanyo;</p> <p>8° kumenyekanisha no gucungana ubushishozi ibyateza ingorane mu ngengo y'imari no gushyiraho komite ishinzwe ibyateza ingorane mu ngengo y'imari;</p>	<p>agreements under the regional and international treaties;</p> <p>4° to promote sound public finance management, principles and practices in the use of public funds;</p> <p>5° to prescribe the frequency, format and contents of the reports to be prepared by public sector entities;</p> <p>6° to ensure, within the limits of available resources, efficient cash and debt management to meet the spending requirements of the State budget;</p> <p>7° to coordinate, supervise and monitor the management of central Government entities' and decentralised entities' financial and physical assets and liabilities, including donations and loans;</p> <p>8° to ensure disclosure and prudent management of fiscal risks and establish a fiscal risk committee;</p>	<p>cadre des traités régionaux et internationaux ;</p> <p>4° promouvoir une saine gestion des finances publiques, les principes et les pratiques dans l'utilisation des fonds publics ;</p> <p>5° déterminer la fréquence, le format et le contenu des rapports à préparer par les entités publiques ;</p> <p>6° assurer, dans les limites des ressources disponibles, une gestion efficiente de la trésorerie et de la dette pour répondre aux exigences en matière de dépenses du budget de l'État ;</p> <p>7° coordonner, superviser et contrôler la gestion des actifs et passifs financiers et physiques des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées, y compris les dons et les prêts ;</p> <p>8° assurer la communication et la gestion prudente des risques budgétaires et établir un comité des risques budgétaires ;</p>
--	--	--



<p>9° guteza imbere no gushimangira gukorera mu mucyo no kugaragaza uko ikorehwa ry'amafaranga ya Leta ryagenze;</p> <p>10° guteza imbere no gukurikirana imikorere myiza yo mu rwego rw'imari, igenzura ry'imbere rinoze mu nzego za Leta;</p> <p>11° kureba niba igenzura bwite rikorwa neza mu nzego za Leta, kumenya no kugenzura ibyateza ingorane mu bijyanye n'imicungire n'ubugenzuzi bwite by'izo nzego, no gufatanya n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta igihe bibaye ngombwa;</p> <p>12° gukurikirana ko hashyirwaho komite z'ubugenzuzi mu nzego z'ubutegetsu bwite bwa Leta no mu nzego zegerejwe abatwariye no gushyiraho imirongo ngenderwaho ku mikorere ikwiye y'izo Komite;</p> <p>13° kumenyesha Umutwe w'Abadepite uko ubukungu rusange n'ingengo y'imari bihagaze;</p> <p>14° gukurikirana mu buryo buhoraho uko abantu bahawe ububasha bwo</p>	<p>9° to promote and enforce transparency and accountability in the use of public funds;</p> <p>10° to promote and monitor the sound financial performance and effective internal controls in public sector entities;</p> <p>11° to ensure the adequacy of internal audit of all public sector entities, know and monitor risks related to their management and internal audit arrangements and collaborate with the Office of the Auditor General of State Finances, when considered necessary;</p> <p>12° to monitor the establishment of audit committees in central Government entities and decentralised entities and put in place guidelines for the effective functioning of such committees;</p> <p>13° to inform the Chamber of Deputies on macroeconomic and budgetary developments;</p> <p>14° to ensure on a regular basis that the persons having been delegated powers</p>	<p>9° promouvoir et faire respecter la transparence et la reddition de comptes dans l'utilisation des fonds publics ;</p> <p>10° promouvoir et surveiller la bonne performance financière et les contrôles internes efficaces au sein des entités publiques ;</p> <p>11° s'assurer de l'adéquation de l'audit interne des entités publiques, connaître et surveiller les risques liés à leurs dispositifs de gestion et d'audit interne et collaborer avec l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État, lorsque cela est jugé nécessaire ;</p> <p>12° faire le suivi de la mise en place des comités d'audit au sein des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées et établir des lignes directrices pour le fonctionnement efficace de ces comités ;</p> <p>13° informer la Chambre des Députés sur les évolutions macroéconomiques et budgétaires ;</p> <p>14° s'assurer régulièrement que les personnes s'étant vu déléguer des</p>
---	--	---

<p>gukoresha amafaranga ya Leta bubahiriza inshingano zabo;</p> <p>15° gutegura buri mwaka raporo y'ibaruramari ihujwe kugira ngo ishyikirizwe Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta;</p> <p>16° gutunganya indi mirimo yose ya ngombwa mu gushyira mu bikorwa iri tegeko ngenga n'andi mategeko yerekeye imari n'umutungo bya Leta.</p>	<p>to use public funds comply with their duties;</p> <p>15° to prepare the annual consolidated financial statements for submission thereof to the Office of the Auditor General of State Finances;</p> <p>16° to perform such other duties as may be necessary for the implementation of this Organic Law and other Laws relating to public finance.</p>	<p>pouvoirs pour utiliser les fonds publics assument leurs fonctions ;</p> <p>15° préparer les états financiers annuels consolidés à soumettre à l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État ;</p> <p>16° exercer toutes autres fonctions nécessaires à la mise en œuvre de la présente loi organique et d'autres lois relatives aux finances publiques.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14: Ububasha bwa Minisitiri</u></b></p> <p>Kugira ngo Minisitiri ashobore gushyira mu bikorwa inshingano ze nk'uko ziteganyijwe mu ngingo ya 13 y'iri tegeko ngenga, afite ububasha bukurikira:</p> <p>1° gushyiraho, ashingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri, inzego muri Minisitiri ayobora zo gushyira mu bikorwa ibisabwa muri iri tegeko ngenga;</p> <p>2° kugena mu nyandiko umukozi uhabwa inshingano zo kuba Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta utaragenwe n'amategeko no kumumenyesha</p>	<p><b><u>Article 14: Powers of the Minister</u></b></p> <p>In order for the Minister to perform his or her duties as provided for in Article 13 of this Organic Law, he or she has the following powers:</p> <p>1° to establish, following a Cabinet decision, organs within the Ministry under his or her responsibility that are tasked with implementing the requirements under this Organic Law;</p> <p>2° to designate in writing a staff member responsible for serving as Chief Budget Manager that is not designated as such under the Law and notify him or her of his or her powers and duties</p>	<p><b><u>Article 14 : Pouvoirs du Ministre</u></b></p> <p>Pour que le Ministre puisse exercer ses fonctions prévues à l'article 13 de la présente loi organique, il dispose des pouvoirs suivants :</p> <p>1° établir, sur décision du Conseil des Ministres, des organes au sein du Ministère relevant de sa responsabilité qui ont pour tâche de mettre en œuvre les exigences prévues par la présente loi organique ;</p> <p>2° désigner par écrit un membre du personnel devant assumer les fonctions de Gestionnaire principal du budget qui n'est pas désigné comme tel en vertu de la loi et lui notifier ses</p>

<p>ububasha n'inshingano ze mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta;</p> <p>3° kugena, ishyirwaho n'inshingano by'inzego zishinzwe imicungire y'imari n'umutungo bya Leta mu nzego zose za Leta afatanyije n'abayobozi b'inzego za Leta cyangwa Inama z'Ubuyobozi n'Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta.</p> <p>4° gushyiraho, abigiyemo inama na Minisiteri ifite inzego zegerejwe abaturage mu nshingano, uburyo bwo guhuriza hamwe ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo z'iri tegeko ngenga zireba inzego zegerejwe abaturage;</p> <p>5° gutunganya imikoranire hagati y'inzego za Leta n'ibigo by'imari;</p> <p>6° kugena inshingano no gutanga imirongo ngenderwaho ku micungire y'imari n'umutungo mu nzego za Leta;</p> <p>7° kugira uburenganzira busesuye bwo kugera ku nyandiko zose n'ibindi</p>	<p>in terms of public finance management;</p> <p>3° to prescribe, in collaboration with executive heads or boards of directors, and Chief Budget Managers, the establishment and duties of organs responsible for public finance management in all public sector entities;</p> <p>4° to establish, after consultation with the Ministry in charge of decentralised entities, mechanisms for coordinating the implementation of the provisions of this Organic Law that pertain to decentralised entities;</p> <p>5° to ensure relations between public sector entities and financial institutions;</p> <p>6° to assign responsibilities and issue guidelines on public finance management in all public sector entities;</p> <p>7° to have unrestricted access to all documents and other financial</p>	<p>pouvoirs et fonctions en termes de gestion des finances publiques ;</p> <p>3° prescrire, en collaboration avec les responsables exécutifs ou les conseils d'administration et les Gestionnaires principaux du budget, la mise en place et les attributions des organes chargés de la gestion des finances publiques au sein de toutes les entités publiques ;</p> <p>4° établir, après consultation du Ministère ayant les entités décentralisées dans ses attributions, des mécanismes de coordination de la mise en œuvre des dispositions de la présente loi organique relatives aux entités décentralisées ;</p> <p>5° assurer des relations entre les entités publiques et les institutions financières ;</p> <p>6° assigner des attributions et émettre des lignes directrices sur la gestion des finances publiques dans toutes les entités publiques;</p> <p>7° avoir librement accès à tous les documents et à d'autres dossiers de</p>
---	---	---

<p>byerekana imicungire y'imari n'umutungo mu nzego za Leta;</p> <p>8° gutanga imirongo ngenderwaho yerekana uko bategura, bakoresha, bakora ibabaruramari, bagenzura, batanga raporo kandi bakurikirana imikoreshereze y'imari n'umutungo bya Leta;</p> <p>9° kwemeza ifungura rya konti muri banki z'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'iz'inzego zegerejwe abaturatione n'imikono y'abakozi babyemerewe bose;</p> <p>10° gushakira inguzanyo inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta, kwemeza ubusabe bw'inguzanyo z'inzego zegerejwe abaturatione n'iz'ibigo bya Leta no gukora ibindi bikorwa byo mu rwego rw'imari, harimo gutanga, kuvugurura amasezerano y'inguzanyo, guhanagura burundu ibirarane by'imyenda, kugabanya imyenda, gutanga inguzanyo, guharira izo nzego imyenda ikomoka ku mafaranga ya Leta no gutanga ingwate;</p> <p>11° gushyiraho uburyo bukwiye bw'ubugenzuzi bwite bukoreshwa ku nzego za Leta zose;</p>	<p>management records in all public sector entities;</p> <p>8° to issue guidelines on the preparation, use, accounting, control, reporting and monitoring of public finances;</p> <p>9° to approve the opening of bank accounts of central Government entities and decentralised entities and signatures of all authorized officers;</p> <p>10° to borrow for central Government entities, approve the borrowing of decentralised entities and public institutions, and undertake other financing transactions, including the provision, restructuring, write-off, debt relief, lending, forgiving of debts from public funds and provide guarantees;</p> <p>11° to establish appropriate internal audit procedures applicable to all public sector entities;</p>	<p>gestion financière dans toutes les entités publiques ;</p> <p>8° émettre les lignes directrices sur la préparation, l'utilisation, la comptabilité, le contrôle des finances publiques, les rapports sur ces dernières et sur leur suivi ;</p> <p>9° approuver l'ouverture des comptes bancaires des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées et les signatures de tous les agents autorisés ;</p> <p>10° emprunter pour les entités de l'administration centrale, approuver les emprunts des entités décentralisées et des établissements publics et effectuer d'autres opérations de financement, y compris celles de fourniture, de restructuration, de radiation, d'allègement de dettes, de prêts, de remise de dettes consenties à partir des fonds publics et offrir des garanties ;</p> <p>11° mettre en place des procédures d'audit interne appropriées applicables à toutes les entités publiques ;</p>
--	---	---

<p>12° gushyiraho muri Minisiteri, uburyo bukwiye kandi buhurijwe hamwe bw'imicungire y'imari n'umutungo bya Leta;</p> <p>13° gushyiraho uburyo buboneye bwo gucunga, gukurikirana no gutanga raporo ku mutungo wa Leta;</p> <p>14° gushyiraho uburyo bukwiye bw'imicungire y'imari ya Leta, harimo ishyirwa rya konti mu byiciro by'ibaruramari, imikono koranabuhanga na raporo, kugira ngo bukoreshwe n'inzego za Leta;</p> <p>15° gushyiraho uburyo bwo guhitamo ubwoko bw'inguzanyo no kwemeza uburyo zakwamo.</p>	<p>12° to establish in the Ministry appropriate and coordinated procedures for public fiancé management;</p> <p>13° to set up appropriate procedures for managing, monitoring and reporting on public finance;</p> <p>14° to prescribe an appropriate public finance management system, including classification of accounts, electronic signatures and records, for use by public sector entities;</p> <p>15° to establish procedures for selecting the form as well as terms and conditions of borrowing.</p>	<p>12° établir au sein du Ministère les procédures appropriées et coordonnées pour la gestion des finances publiques ;</p> <p>13° mettre en place les procédures appropriées pour gérer, faire le suivi des finances publiques et pour y faire rapport;</p> <p>14° établir un système de gestion des finances publiques approprié, y compris la classification des comptes, les signatures électroniques et dossiers, pour utilisation par les entités publiques ;</p> <p>15° fixer les procédures de choix de la forme ainsi que des modalités et conditions d'emprunt.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15: Itangabubasha n'inshingano bikoze na Minisitiri</u></b></p> <p>Minisitiri ashobora, bikoze mu nyandiko guha abayobozi muri Minisiteri, bumwe mu bubasha n'inshingano bye.</p> <p>Itangabubasha rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntiribuzwa Minisitiri kubazwa ibyakozwe byerekeranye n'imikoreshereze</p>	<p><b><u>Article 15: Delegation by the Minister of powers and duties</u></b></p> <p>The Minister may delegate, in writing, part of his or her powers and duties to officials in the Ministry.</p> <p>The delegation of powers referred to in Paragraph One of this Article does not relieve the Minister of the accountability relating to the exercise of delegated powers or the</p>	<p><b><u>Article 15 : Délégation de pouvoirs et de fonctions par le Ministre</u></b></p> <p>Le Ministre peut déléguer, par écrit, une partie de ses pouvoirs et fonctions à des cadres au sein du Ministère.</p> <p>La délégation de pouvoirs visée à l'alinéa premier du présent article ne dégage pas le Ministre de la responsabilité relative à l'exercice des pouvoirs délégués ou à</p>

<p>y'ububasha yatanze cyangwa ibyakozwe mu nshingano yatanze.</p> <p>Minisitiri ashobora guhagarika, guhindura cyangwa gukuraho itangabubasha yahaye umuntu, cyangwa icyemezo cyose cyafashwe n'uwahawe ububasha iyo bigaragaye ko atujuje neza inshingano yahawe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 16:</u> Ububasha n'inshingano by'umuyobozi w'Ikigega cya Leta</b></p> <p>Ikigega cya Leta gicungwa n'Umuyobozi ufite ububasha n'inshingano bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° kugenzura no gucunga ishyirwa mu bikorwa rya politiki zerekeye ikorehwa ry'amafaranga ya Leta;</li> <li>2° guha abakozi akuriye, akoresheje inyandiko, bumwe mu bubasha bwe n'imirimo bitabangamiye inshingano ze;</li> <li>3° kugira inama Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ku bibazo byose bireba iyubahirizwa ry'iri tegeko ngenga;</li> </ol>	<p>performance of the duties delegated by him or her.</p> <p>The Minister may suspend, change or revoke any delegated powers, or any decision taken by the person with delegated powers if it is clear that such a person does not fulfil his or her duties in an appropriate manner.</p> <p><b><u>Article 16:</u> Powers and duties of the official in charge of the National Treasury</b></p> <p>The National Treasury is managed by an official whose powers and duties are the following:</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° to oversee and ensure the implementation of policies relating to the use of public funds;</li> <li>2° to delegate, in writing, part of his or her powers and duties to staff members under his or her supervision without prejudice to his or her duties;</li> <li>3° to advise Chief Budget Managers on any matters relating to the application of this Organic Law;</li> </ol>	<p>l'accomplissement des fonctions déléguées par lui.</p> <p>Le Ministre peut suspendre, modifier ou révoquer tous pouvoirs délégués ou toute décision prise par la personne disposant d'une délégation de pouvoirs s'il est clair que cette dernière ne s'acquitte pas de ses fonctions de manière appropriée.</p> <p><b><u>Article 16:</u> Pouvoirs et fonctions de l'autorité responsable du Trésor national</b></p> <p>Le Trésor national est géré par une autorité dont les pouvoirs et fonctions sont les suivants :</p> <ol style="list-style-type: none"> <li>1° superviser et assurer la mise en œuvre des politiques relatives à l'utilisation des fonds publics ;</li> <li>2° déléguer, par écrit et sans préjudice de ses fonctions, une partie de ses pouvoirs et fonctions à des membres du personnel relevant de sa responsabilité ;</li> <li>3° conseiller les Gestionnaires principaux du budget sur toutes questions relatives à l'application de la présente loi organique ;</li> </ol>
---	--	--

<p>4° gushyiraho uburyo bukwiye bwo gushaka no guhuza amakuru yose kugira ngo ingengo y'imari itegurwe ku gihe no mu buryo bunoze;</p>	<p>4° to establish an effective system for the collection and coordination of all information to ensure timely and effective preparation of the State budget;</p>	<p>4° établir un système efficace de collecte et de coordination de toutes les informations pour s'assurer d'une préparation en temps voulu et efficace du budget de l'État ;</p>
<p>5° kugenzura ko amafaranga atangwa na Leta adahungabanya ubukungu rusange kandi ko agaragaza ubutajegajega bw'ifaranga ry'Igihugu;</p>	<p>5° to ensure spending of the State budget maintains macroeconomic stability and reflects the sovereignty of the value of the national currency;</p>	<p>5° veiller à ce que les dépenses du budget de l'État maintiennent la stabilité macroéconomique et reflètent la souveraineté de la valeur de la monnaie nationale ;</p>
<p>6° gushyiraho uburyo bwo kugenzura imikoreshereze myiza y'Ikigega cya Leta mu buryo bushingiye ku micungire rusange y'ubukungu bw'Igihugu;</p>	<p>6° to put in place mechanisms that ensure the smooth running of the National Treasury in the overall context of macroeconomic management;</p>	<p>6° mettre en place des mécanismes assurant le bon fonctionnement du Trésor national dans le cadre global de la gestion macroéconomique ;</p>
<p>7° kuyobora Komite y'Imicungire y'Ikigega cya Leta ifite inshingano yo gucunga Ikigega gihurizwamo amafaranga yose ya Leta;</p>	<p>7° to chair the Treasury Management Committee responsible for managing the consolidated fund;</p>	<p>7° présider le Comité de Gestion du Trésor chargé de la gestion du fonds consolidé ;</p>
<p>8° guhuza no gukurikirana uburyo bw'imicungire yerekeye imari no gukumira ibyateza ingorane, igenzura ry'imbere n'itangwa rya raporo mu nzego za Leta zose;</p>	<p>8° to coordinate and monitor systems of financial and risk prevention, internal controls and reporting in all public sector entities;</p>	<p>8° coordonner et assurer le suivi des systèmes de prévention en matière financière et de risques, de contrôles internes et de rapports dans toutes les entités publiques;</p>
<p>9° guhuza ishyirwaho ry'igenzura ry'imbere no gufasha mu mikorere y'Inama z'Ubuyobozi cyangwa Inama Njyanama mu micungire y'imari</p>	<p>9° to coordinate the establishment of internal controls and facilitate the functioning of the boards of directors or Councils with regard to public</p>	<p>9° coordonner la mise en place de contrôles internes et faciliter le fonctionnement des conseils d'administration ou des Conseils en</p>

<p>n'umutungo bya Leta mu nzego z'Ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego zegerejwe abaturatione;</p> <p>10° kugenzura ko inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego zegerejwe abaturatione zishyiraho kandi zigashyira mu bikorwa imirimo y'ubugenzuzi bwite;</p> <p>11° gusaba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta amakuru abona ko akenewe.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena imikorere y'Ikigega cya Leta, rigena kandi abagize Komite y'imicungire yacyo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 17: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi w'igenamigambi ry'Igihugu</u></b></p> <p>Igenamigambi ry'Igihugu rikuriwe n'Umuyobozi ufite ububasha n'inshingano bikurikira:</p> <p>1° guhuza itegurwa ry'imigambi y'iterambere ry'Igihugu;</p> <p>2° gukurikirana aho intego z'igihe kirekire n'ibyihutirwa bigeze, harimo imigambi y'Igihugu na gahunda z'ishoramari;</p>	<p>finance management in central Government entities and decentralized entities;</p> <p>10° to oversee the establishment and performance of internal audit functions by central Government entities and decentralized entities;</p> <p>11° to require any Chief Budget Manager to supply such information as he or she considers necessary.</p> <p>A Ministerial Order determines the functioning of the National Treasury and the composition of its management committee.</p> <p><b><u>Article 17: Powers and duties of the official in charge of National Economic Planning</u></b></p> <p>The National Economic Planning is headed by an official whose powers and duties are the following:</p> <p>1° to coordinate the preparation of national development plans;</p> <p>2° to monitor progress towards strategic objectives and priorities included in</p>	<p>matière de gestion des finances publiques au sein des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées ;</p> <p>10° superviser la mise en place et l'exercice des fonctions d'audit interne par les entités de l'administration centrale et les entités décentralisées ;</p> <p>11° demander à tout Gestionnaire principal du budget de fournir les informations qu'il juge nécessaires.</p> <p>Un Arrêté ministériel détermine le fonctionnement du Trésor national et la composition de son comité de gestion.</p> <p><b><u>Article 17: Pouvoirs et fonctions de l'autorité responsable de la Planification économique nationale</u></b></p> <p>La Planification économique nationale est dirigée par une autorité dont les pouvoirs et fonctions sont les suivants :</p> <p>1° coordonner l'élaboration des plans nationaux de développement ;</p> <p>2° faire le suivi des progrès accomplis dans la réalisation des objectifs et priorités stratégiques inclus dans les</p>
---	---	---



<p>3° kugaragaza ibikorwa by'ishoramari ry'Igihugu byihutirwa no guhuza gahunda z'iterambere ry'ishoramari ry'Igihugu;</p> <p>4° kugenzura, guhuza no gushyiraho ibikurikizwa mu gutoranya ibyihutirwa n'imirungire y'ishoramari ry'Igihugu mu mafaranga ahari.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18: Orudonateri w'ingengo y'imari ya Leta</u></b></p> <p>Perezida wa Repubulika ni we Orudonateri Mukuru w'ingengo y'imari ya Leta.</p> <p>Minisitiri ni intumwa ya Orudonateri Mukuru w'ingengo y'imari ya Leta afite inshingano zo kwishyura no kwemeza ubwishyu bwose ku mafaranga y'ikigega gihurizwamo amafaranga y'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 19: Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta</u></b></p> <p>Abayobozi bakurikira ni bo bayobozi bakuru bashinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta mu nzego bakoramo:</p>	<p>national plans and investment programs;</p> <p>3° to identify priority national investments and coordinate the development of national investment programs;</p> <p>4° to oversee, coordinate and establish criteria for the prioritization and management of public investments within available resources.</p> <p><b><u>Article 18: Paymaster of State budget</u></b></p> <p>The President of the Republic is the Overall Paymaster of the State Budget.</p> <p>The Minister is the delegated Paymaster of the State Budget whose duties are to administer and authorize all payments from the consolidated fund of central Government entities.</p> <p><b><u>Article 19: Chief Budget Manager</u></b></p> <p>The following senior managers serve as chief budget managers in their respective employing entities:</p>	<p>plans et programmes d'investissement nationaux ;</p> <p>3° identifier les investissements nationaux prioritaires et coordonner l'élaboration des programmes nationaux d'investissement ;</p> <p>4° superviser, coordonner et établir les critères de priorisation et de gestion des investissements publics dans la limite des ressources disponibles.</p> <p><b><u>Article 18 : Ordonnateur du budget de l'État</u></b></p> <p>Le Président de la République est l'Ordonnateur général du budget de l'État.</p> <p>Le Ministre est l'Ordonnateur délégué du budget de l'État ayant pour fonctions d'administrer et d'autoriser tous les paiements à partir du fonds consolidé des entités de l'administration centrale.</p> <p><b><u>Article 19 : Gestionnaire principal du budget</u></b></p> <p>Les cadres supérieurs suivants font office de gestionnaires principaux du budget dans leurs entités employeuses respectives :</p>
--	--	---

*Official Gazette n° 50 of 12/12/2022*

<p>1° Umunyamabanga Mukuru wa Sena;</p> <p>2° Umunyamabanga Mukuru w’Umutwe w’Abadepite;</p> <p>3° Umunyamabanga Mukuru mu Rukiko rw’Ikirenga;</p> <p>4° Umunyamabanga Uhoraho muri buri Minisiteri;</p> <p>5° Umuyobozi Mukuru w’ibikorwa by’Umujyi wa Kigali;</p> <p>6° Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’akarere;</p> <p>7° Umuyobozi Mukuru ushinzwe imari mu kigo cya Leta;</p> <p>8° undi mukozi wabiherewe ububasha mu buryo bwemewe n’amategeko.</p>	<p>1° the Clerk of the Senate;</p> <p>2° the Clerk of the Chamber of Deputies;</p> <p>3° the Secretary General of the Supreme Court;</p> <p>4° the Permanent Secretary in each Ministry;</p> <p>5° the City Manager of the City of Kigali;</p> <p>6° the Executive Secretary of District;</p> <p>7° the Chief Finance Officer in a public institution;</p> <p>8° any other lawfully authorized officer.</p>	<p>1° le Secrétaire général du Sénat ;</p> <p>2° le Secrétaire général de la Chambre des Députés ;</p> <p>3° le Secrétaire général de la Cour suprême ;</p> <p>4° le Secrétaire permanent dans chaque Ministère ;</p> <p>5° le Gestionnaire du Bureau de la Ville de Kigali ;</p> <p>6° le Secrétaire exécutif de District ;</p> <p>7° le directeur financier au sein d’un établissement public ;</p> <p>8° tout autre agent légalement autorisé.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Inshingano n’ububasha by’Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n’umutungo bya Leta</b></p> <p>Umuyobozi mukuru ushinzwe gucunga imari n’umutungo bya Leta afite inshingano zikurikira:</p>	<p><b><u>Article 20:</u> Duties and powers of the Chief Budget Manager</b></p> <p>The Chief Budget Manager has the following duties:</p>	<p><b><u>Article 20:</u> Fonctions et pouvoirs du Gestionnaire principal du budget</b></p> <p>Le Gestionnaire principal du budget a les fonctions suivantes :</p>

Official Gazette n° 50 of 12/12/2022

<p>1° gutegura gahunda y'igihe giciritse, gahunda y'ibikorwa y'umwaka, n'ingengo y'imari y'urwego ashinzwe;</p>	<p>1° to prepare the mid-term plan, annual action plan and budget for the entity under his or her responsibility;</p>	<p>1° préparer le plan à moyen terme, le plan d'action annuel et le budget de l'entité relevant de sa responsabilité ;</p>
<p>2° kuzuzura imikoreshereze y'ingengo y'imari y'urwego ashinzwe, harimo kwemeza ibyateganyijwe kwishyurwa, kwishyura no kwakira amafaranga yinjira, hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>2° to exercise control over the execution of the budget of the entity under his or her responsibility, including authorization of commitments and payments and collection of revenue, in compliance with relevant legislation;</p>	<p>2° exercer un contrôle sur l'exécution du budget de l'entité relevant de sa responsabilité, y compris l'autorisation des engagements et des paiements et la collecte de recettes, conformément à la législation en la matière;</p>
<p>3° gutunganya ibaruramari n'inyandiko zerekana imicungire y'imari ashinzwe hakurikijwe iteka rya Minisitiri;</p>	<p>3° to maintain accounts and records under his or her responsibility in accordance with the Ministerial Order;</p>	<p>3° tenir, conformément à l'arrêté ministériel, les comptes et les registres des fonds relevant de sa responsabilité ;</p>
<p>4° gutegura no gushyikiriza Minisiteri raporo nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga akagera kopi umuyobozi w'urwego rwa Leta akoramo n' Inama y'Ubuyobozi yarwo iyo ihari cyangwa Inama Njyanama;</p>	<p>4° to prepare and transmit reports to the Ministry as provided for under relevant legislation with a copy to the executive head and the board of directors, if any, of his or her employing public sector entity or the Council;</p>	<p>4° préparer et transmettre au Ministère les rapports prévus par la législation en la matière avec copie au responsable exécutif et, le cas échéant, au conseil d'administration de son entité publique employeuse ou au Conseil;</p>
<p>5° gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda z'amafaranga yinjira n'asohoka byagiweho inama na Minisiteri;</p>	<p>5° to prepare and implement cash flow plans in consultation with the Ministry;</p>	<p>5° préparer et mettre en œuvre les plans de flux de trésorerie en consultation avec le Ministère ;</p>
<p>6° gucunga amafaranga ya Leta yose yagenewe urwego rwa Leta akoramo mu buryo bunoze, bukwiye kandi</p>	<p>6° to manage effectively, efficiently and in a transparent manner all the public funds for his or her employing public sector entity in accordance with relevant legislation;</p>	<p>6° gérer de manière efficace, efficiente et transparente tous les fonds publics de son entité publique employeuse</p>

<p>bunyuze mu mucyo hakurikijwe amategeko abigenga;</p> <p>7° gushyiraho no gutunganya uburyo bunoze, bukwiye kandi bunyuze mu mucyo bwerekeye igenzura ry'imbere no gukumira ibyateza ingorane;</p> <p>8° kugenzura no kureba ikoreshwa rikwiye ry'amafaranga ya Leta afitwe n'ishami ry'urwego ruri mu nshingano ze;</p> <p>9° gutanga ibindi bisobanuro byose yasabwa na Minisiteri n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta;</p> <p>10° gushyira mu bikorwa imyanzuro yatanzwe n'igenzura ry'imbere, iry'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta n'irya Minisiteri;</p> <p>11° gukumira ikoreshwa ry'amafaranga mu buryo bunyuranyije n'amategeko.</p>	<p>7° to establish and maintain effective, efficient and transparent systems of internal controls and risk management;</p> <p>8° to supervise and ensure proper use of public funds at the disposal of a subsidiary entity under his or her responsibility;</p> <p>9° to provide all such other information as may be required of him or her by the Ministry and Office of the Auditor General of State Finances;</p> <p>10° to implement the recommendations of the internal audit, those of the Office of the Auditor General of State Finances and those of the Ministry;</p> <p>11° to prevent incurrence of unlawful expenditure.</p>	<p>conformément à la législation en la matière ;</p> <p>7° établir et maintenir des systèmes efficaces, efficients et transparents de contrôle interne et de gestion des risques ;</p> <p>8° surveiller et assurer la bonne utilisation des fonds publics mis à la disposition d'une entité affiliée sous sa responsabilité ;</p> <p>9° fournir toutes autres informations que le Ministère et l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État pourraient lui demander ;</p> <p>10° mettre en œuvre les recommandations de l'audit interne, celles de l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État et celles du Ministère ;</p> <p>11° prévenir l'engagement de dépenses illégales.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Itangabubasha rikozwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta</b></p> <p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ashobora guha bumwe mu bubasha bwe umukozi wa Leta akuriye</p>	<p><b><u>Article 21:</u> Delegation of powers by the Chief Budget Manager</b></p> <p>The Chief Budget Manager may delegate part of his or her powers to a relevant public servant under his or her supervision after</p>	<p><b><u>Article 21 :</u> Délégation de pouvoirs par le Gestionnaire principal du budget</b></p> <p>Le Gestionnaire principal du budget peut déléguer une partie de ses pouvoirs à un agent de l'État concerné placé sous sa responsabilité</p>

<p>ubikwiye yabanje kubimenyesha Minisitiri mu nyandiko, akanaha kopi umuyobozi ushinzwe urwego rwa Leta bireba n'inama y'ubuyobozi yarwo iyo ihari cyangwa Inama Njyanama.</p> <p>Iyo umukozi wahawe ububasha n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta akoresheje amafaranga mu buryo bunyuranyije n'amategeko, atubahirije ibiteganywa n'iri tegeko ngenga, amateka n'imirongo ngenderwaho byashyizweho na Minisitiri cyangwa andi mategeko yerekeye imari ya Leta, abarizwa hamwe n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ibyakozwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22: Inshingano z'umuyobozi w'urwego</u></b></p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n'andi mategeko, umuyobozi w'urwego afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gutanga imirongo ya ngombwa ku byihutirwa bigomba guhabwa amafaranga mu mitegurire y'ingengo y'imari y'urwego ruri mu nshingano ze;</p> <p>2° gutanga imirongo ngenderwaho mu mitegurire ya gahunda y'imikoreshereze y'amafaranga no mu gihe cyo kwimura amafaranga yagenwe</p>	<p>informing the Ministry in writing thereof, with a copy to the executive head or the board of directors, if any, of the relevant entity.</p> <p>If a staff member to whom the Chief Budget Manager delegates his or her powers incurs unlawful expenditure or fails to comply with the provisions of this Organic Law, Orders and guidelines issued by the Minister or any other Laws relating to public finance, both the staff member and the Chief Budget Manager are held accountable.</p> <p><b><u>Article 22: Duties of the executive head</u></b></p> <p>Without prejudice to the provisions of other Laws, the executive head has the following duties:</p> <p>1° to provide strategic guidance on the priorities to be funded in the preparation of the budget of the entity under his or her responsibility;</p> <p>2° to provide guidelines on the preparation of an expenditure plan and reallocation of a budget appropriation;</p>	<p>après en avoir informé le Ministère par écrit, avec copie au responsable exécutif ou, le cas échéant, au conseil d'administration de l'entité concernée.</p> <p>Si un membre du personnel auquel le Gestionnaire principal du budget délègue ses pouvoirs engage des dépenses illégales ou ne respecte pas les dispositions de la présente loi organique, les arrêtés et les lignes directrices édictés par le Ministre ou toute autre loi relative aux finances publiques, ce membre du personnel et le Gestionnaire principal du budget sont tenus responsables.</p> <p><b><u>Article 22: Fonctions du responsable exécutif</u></b></p> <p>Sans préjudice des dispositions d'autres lois, le responsable exécutif a les fonctions suivantes :</p> <p>1° fournir des orientations stratégiques sur les priorités à financer dans la préparation du budget de l'entité relevant de sa responsabilité ;</p> <p>2° donner des lignes directrices sur la préparation d'un plan de dépenses et la réaffectation d'une dotation budgétaire;</p>
--	--	---

<p>mu ngengo y'imari;</p> <p>3° gutanga imirongo ngenderwaho mu kongera kugena ibyihutirwa mu ngengo y'imari, bibaye ngombwa, hakurikijwe amategeko abigenga;</p> <p>4° gusuzuma inyandiko z'imishinga n'ubufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera bigomba gushyikirizwa komite ivugwa muri gahunda y'Igihugu y'ishoramari;</p> <p>5° gukurikirana ikoreshwa ry'amafaranga ya Leta n'imirungire y'umutungo ufitwe n'urwego rwa Leta ruri mu nshingano ze;</p> <p>6° gusuzuma raporo z'ibaruramari z'umwaka na raporo z'igenzura z'urwego ashinzwe no kwita ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'ubugenzuzi;</p> <p>7° bitabangamiye ibiteganywa n'iri tegeko ngenga, ku bireba urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta, kwemeza ko amafaranga atagishoboye kwishyurwa n'imyenda imaze igihe kirekire itishyurwe bisibwa mu bitabo by'ibaruramari.</p>	<p>3° to provide guidelines on budget reprioritisation, where necessary, in accordance with relevant legislation;</p> <p>4° to consider proposals for projects and public-private partnerships to be submitted to the committee referred to in the national investment policy;</p> <p>5° to monitor the use of public funds and management of assets at the disposal of the public sector entity under his or her responsibility;</p> <p>6° to consider the annual financial statements and audit reports of the entity under his or her responsibility and ensure the implementation of the audit recommendations;</p> <p>7° in case of a central Government entity, to authorize the write-off of irrecoverable assets and long outstanding liabilities without prejudice to the provisions of this Organic Law.</p>	<p>3° fournir, le cas échéant, des lignes directrices sur la redéfinition des priorités budgétaires conformément à la législation en la matière ;</p> <p>4° examiner les propositions de projets et de partenariats public-privé à soumettre au comité visé dans la politique nationale d'investissement ;</p> <p>5° contrôler l'utilisation des fonds publics et la gestion des actifs mis à la disposition de l'entité publique relevant de sa responsabilité ;</p> <p>6° examiner les états financiers annuels et les rapports d'audit de l'entité relevant de sa responsabilité et assurer la mise en œuvre des recommandations d'audit ;</p> <p>7° dans le cas d'une entité de l'administration centrale, autoriser la radiation des actifs irrécouvrables et des passifs en souffrance depuis longtemps sans préjudice des dispositions de la présente loi organique.</p>
---	--	---

<p><b>Ingingo ya 23: Inshingano z’Inama y’Ubuyobozi</b></p>	<p><b>Article 23: Responsibilities of the board of directors</b></p>	<p><b>Article 23: Attributions du conseil d’administration</b></p>
<p>Bitabangamiye ibiteganywa n’andi mategeko, Inama y’Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira:</p>	<p>Without prejudice to the provisions of other Laws, the board of directors has the following responsibilities:</p>	<p>Sans préjudice des dispositions d’autres lois, le conseil d’administration a les attributions suivantes :</p>
<p>1° gushyira mu bikorwa inshingano ziteganyijwe mu ngingo ya 22 y’iri tegeko ngenza;</p>	<p>1° to perform the duties provided for under Article 22 of this Organic Law;</p>	<p>1° accomplir les fonctions prévues à l’article 22 de la présente loi organique ;</p>
<p>2° kwemeza umushinga w’ingengo y’imari y’umwaka n’ivugurura ryawo mbere y’uko ushyikirizwa inzego bireba;</p>	<p>2° to approve the draft annual budget and draft revised budget prior to submission thereof to the relevant organs;</p>	<p>2° approuver le projet de budget annuel et le projet de budget révisé avant qu’il ne soit soumis aux organes compétents ;</p>
<p>3° kwemeza amategeko ngenyamikorere yerekeye imicungire y’imari n’umutungo n’amasoko bya Leta;</p>	<p>3° to approve the internal rules and regulations on public finance management and procurement;</p>	<p>3° approuver le règlement d’ordre intérieur portant gestion des finances publiques et passation des marchés publics ;</p>
<p>4° gukurikirana imirimo y’ubugenzuzi bwite no gufata ibyemezo bya ngombwa kugira ngo imyanzuro y’ubugenzuzi bwite ishyirwe mu bikorwa;</p>	<p>4° to monitor the internal audit functions and take actions necessary for the implementation of the internal audit recommendations;</p>	<p>4° surveiller les fonctions d’audit interne et prendre les mesures nécessaires à la mise en œuvre des recommandations d’audit interne ;</p>
<p>5° kwemeza raporo z’umwaka z’ibikorwa n’iz’ibaruramari.</p>	<p>5° to approve annual activity reports and financial statements.</p>	<p>5° approuver les rapports annuels d’activités et les états financiers.</p>
<p>Haseguriwe inshingano ziteganyijwe mu gika cya mbere cy’iyi ngingo, Inama y’Ubuyobozi</p>	<p>Subject to the responsibilities provided for under Paragraph One of this Article, the board</p>	<p>Sous réserve des attributions prévues à l’alinéa premier du présent article, le conseil</p>

<p>y'ikigo cya Leta cyangwa iy'urwego rwihariye mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta bidahabwa amafaranga ku ngengo y'imari ya Leta bishyira mu bikorwa inshingano zerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta zagenwe n'amategeko azishyiraho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 24: Imikoranire y'Umuyobozi Mukuru ushinzwe imari n'umutungo bya Leta n'umuyobozi w'urwego cyangwa Inama y'Ubuyobozi</u></b></p> <p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ntagomba guhohoterwa, kuvangurwa, kugabanyirizwa intera yari agezeho, kwirukanwa, guhindurirwa imirimo cyangwa gufatirwa ibihano byo mu rwego rw'imyitwarire kubera ko yakoze akurikije ibiteganywa n'iri tegeko ngenga.</p> <p>Amabwiriza yose Umuyobozi w'Urwego cyangwa Inama y'Ubuyobozi baha Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta afite ingaruka ku mari agomba kuba yanditse.</p> <p>Igikorwa cyose cy'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta gikozwe na we ubwe cyangwa afatanyije n'umuyobozi w'urwego cyangwa n'Inama y'Ubuyobozi kinyuranyije n'ibiteganywa</p>	<p>of directors of a public institution or of a special organ in terms of public finance management, which institution or organ does not receive funds from the State budget, performs such public finance management responsibilities as prescribed in the legal framework establishing it.</p> <p><b><u>Article 24: Relations between the Chief Budget Manager and the executive head or board of directors</u></b></p> <p>The Chief Budget Manager must not be victimized, discriminated against, demoted in rank, dismissed, removed from office or otherwise subject to disciplinary action solely for acting in compliance with the provisions of this Organic Law.</p> <p>Any directive having financial implications that is given to the Chief Budget Manager by the executive head or board of directors must be in writing.</p> <p>Any act performed by the Chief Budget Manager, either individually or jointly with the executive head or board of directors, that contravenes the relevant provisions of this</p>	<p>d'administration d'un établissement public ou celui d'un organe spécial en termes de gestion des finances publiques, lesquels établissement ou organes ne bénéficient pas de financement du budget de l'État, assume les attributions de gestion des finances publiques prévues par le cadre juridique portant sa création.</p> <p><b><u>Article 24 : Relations entre le Gestionnaire principal du budget et le responsable exécutif ou le conseil d'administration</u></b></p> <p>Le Gestionnaire principal du budget ne doit pas faire l'objet de victimisation, de discrimination, de rétrogradation de rang, de licenciement, de révocation ou autrement être sujette à des mesures disciplinaires au seul motif d'avoir agi dans le respect des dispositions de la présente loi organique.</p> <p>Toute directive ayant des implications financières que le responsable exécutif ou le conseil d'administration donne au Gestionnaire principal du budget doit se faire par écrit.</p> <p>Tout acte accompli en violation des dispositions applicables de la présente loi organique par le Gestionnaire principal du budget, agissant seul ou de concert avec le responsable exécutif ou le conseil</p>
---	---	---



<p>n'ingingo zibigenga muri iri tegeko ngenga gihanwa hakurikijwe iri tegeko ngenga n'andi mategeko abigenga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'umuyobozi w'ishami ry'urwego rwa Leta</b></p> <p>Umuyobozi w'ishami ry'urwego rwa Leta afite inshingano zerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta zikurikira:</p> <p>1° gutegura no gushyikiriza Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka, uw'ingengo y'imari y'umwaka ivuguruye na gahunda y'amafaranga akoreshwa kugira ngo ayemeze;</p> <p>2° gucunga konti n'inyandiko z'ibaruramari;</p> <p>3° gutegura no gushyikiriza Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta raporo z'imari na raporo z'ibaruramari;</p> <p>4° gukumira imikoreshereze y'amafaranga itemewe n'amategeko.</p>	<p>Organic Law is punishable under this Organic Law and other relevant legislation.</p> <p><b><u>Article 25:</u> Duties of the head of a subsidiary entity</b></p> <p>The head of a subsidiary entity has the following public finance management responsibilities:</p> <p>1° to prepare and submit the draft annual budget and the draft revised annual budget and the expenditure plan to the Chief Budget Manager for approval;</p> <p>2° to maintain the accounts and records;</p> <p>3° to prepare and submit financial reports and statements to the Chief Budget Manager;</p> <p>4° to prevent unlawful expenditure.</p>	<p>d'administration, est punissable en vertu de la présente loi organique et d'autres lois en la matière.</p> <p><b><u>Article 25:</u> Fonctions du responsable d'une entité affiliée</b></p> <p>Le responsable d'une entité affiliée a les fonctions suivantes en matière de gestion des finances publiques :</p> <p>1° préparer et soumettre le projet de budget annuel et le projet de budget annuel révisé ainsi que le plan de dépenses au Gestionnaire principal du budget pour approbation ;</p> <p>2° tenir les comptes et registres ;</p> <p>3° préparer et soumettre au Gestionnaire principal du budget les rapports et états financiers ;</p> <p>4° prévenir les dépenses illégales.</p>
---	---	--

<p><b>UMUTWE WA III: IGENAMIGAMBI, ITEGURWA N'IYEMEZWA BY'INGENGO Y'IMARI</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 26:</u> Intego za politiki y'ingengo y'imari</b></p> <p>Imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya Leta isobanura intego za politiki y'ingengo y'imari z'imyaka y'ingengo y'imari iri imbere zijyanye n'inyandiko igaragaza ishusho y'igenamigambi n'iy'ingengo y'imari.</p> <p>Intego za politiki y'ingengo y'imari zikubiyemo nibura ibyateguwe mu buryo bw'igihe giciriritse by'inze zose z'ubutegetsu bwite bwa Leta n'izegerejwe abatwaga bikurikira:</p> <p>1° imyenda;</p> <p>2° ikinyuranyo cy'ingengo y'imari n'amafaranga akoreshwa.</p> <p>Raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'amezi atandatu (6) ihurijwe hamwe isuzuma iyubahirizwa ry'intego z'ingengo y'imari zihurika z'umwaka ugezweho n'uwubanziriza, igatanga ibisobanuro ku mikoreshereze y'imari itarateganyijwe.</p>	<p><b>CHAPTER III: BUDGET PLANNING, PREPARATION AND APPROVAL</b></p> <p><b><u>Article 26:</u> Fiscal policy objectives</b></p> <p>The budget framework paper defines the fiscal policy objectives for the upcoming fiscal years in line with the planning and budget outlook.</p> <p>The fiscal policy objectives comprise at least the following indicators aggregating all central Government entities and decentralised entities, presented in a medium-term perspective:</p> <p>1° indebtedness;</p> <p>2° fiscal balance and expenditure.</p> <p>A mid-year consolidated budget execution report assesses the compliance with previous fiscal objectives, for the current fiscal year and the preceding fiscal year, and provide explanation and justification for any deviation.</p>	<p><b>CHAPITRE III: PLANIFICATION, ÉLABORATION ET ADOPTION DU BUDGET</b></p> <p><b><u>Article 26:</u> Objectifs de politique budgétaire</b></p> <p>Le document-cadre du budget définit les objectifs de politique budgétaire pour les exercices à venir conformément à la planification et aux perspectives budgétaires.</p> <p>Les objectifs de politique budgétaire comprennent au moins les indicateurs suivants regroupant l'ensemble des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées, présentés dans une perspective à moyen terme :</p> <p>1° endettement ;</p> <p>2° solde budgétaire et dépenses.</p> <p>Un rapport semestriel d'exécution du budget consolidé évalue le respect des objectifs budgétaires précédents, pour l'exercice en cours et l'exercice précédent et fournit des explications et des justifications pour toute dérogation.</p>
--	--	---

<p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gutegura no gukorana ibiganiro n’abafatanyabikorwa ku bibazo byerekeye intego z’ingengo y’imari.</p> <p><b><u>Ingingo ya 27: Inkomoko y’ingengo y’imari</u></b></p> <p>Amafaranga ateganywa kwinjira mu ngengo y’imari ya Leta akomoka aha hakurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° amafaranga yinjira akomoka ku misoro;</li> <li>2° impano;</li> <li>3° andi mafaranga yinjira;</li> <li>4° inguzanyo;</li> <li>5° amafaranga akomoka ku igurisha ry’umutungo n’akomoka ku myenda yishyuwe;</li> <li>6° andi mafaranga ateganywa n’amategeko.</li> </ul> <p>Inkomoko y’ingengo y’imari y’urwego rwegerejwe abaturage n’imicungire yayo bigenwa n’itegeko.</p>	<p>A Ministerial Order determines procedures for the preparation and organisation of consultations with partners on issues related to fiscal objectives.</p> <p><b><u>Article 27: Sources of budget resources</u></b></p> <p>Money allocated to the State budget comes from the following sources:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° tax revenues;</li> <li>2° grants;</li> <li>3° other revenues;</li> <li>4° proceeds from borrowing;</li> <li>5° proceeds from sale of assets and repayment of loans;</li> <li>6° other resources prescribed by Law.</li> </ul> <p>The source and management of budget resources of a decentralised entity are determined by a Law.</p>	<p>Un arrêté ministériel fixe les modalités de de préparation et d’organisation de consultations avec les partenaires au sujet des questions relatives aux objectifs budgétaires.</p> <p><b><u>Article 27: Sources des ressources budgétaires</u></b></p> <p>Les fonds alloués au budget de l’État proviennent des sources suivantes :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>1° recettes fiscales ;</li> <li>2° dons ;</li> <li>3° autres recettes ;</li> <li>4° produit d’emprunts ;</li> <li>5° produit de la vente d’actifs et du remboursement d’emprunts ;</li> <li>6° autres ressources prévues par la loi.</li> </ul> <p>La source et la gestion des ressources budgétaires d’une entité décentralisée sont déterminées par une loi.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 28: Ibigize amafaranga ateganywa gukoreshwa mu ngengo y'imari</u></b></p> <p>Amafaranga ateganywa gukoreshwa mu ngengo y'imari ya Leta n'ateganywa gukoreshwa mu ngengo y'imari y'urwego rwegerajwe abaturatione agizwe ni ibi bikurikira:</p> <p>1° amafaranga yishyurwa ku mishahara y'abakozi, imikoreshereze y'ibintu n'imirimo, akoreshwa mu kwishyura inyungu ku myenda, atangwa nk'inkunga, impano, ubufasha bugenerwa abaturatione, n'andi mafaranga akoreshwa;</p> <p>2° amafaranga agurwa umutungo;</p> <p>3° amafaranga akoreshwa mu gutanga imyenda n'akoreshwa mu kugura imigabane;</p> <p>4° amafaranga yishyurwa imyenda ikomoka ku nguzanyo.</p>	<p><b><u>Article 28: Composition of budget expenditure</u></b></p> <p>The expenditure of the State budget and of the budget of a decentralised entity consist of the following:</p> <p>1° compensation of employees, use of goods and services, interest expense, subsidies, grants, social benefits and other expenses;</p> <p>2° expenditure for acquisition of assets;</p> <p>3° expenditure for the provision of loans and acquisition of shares;</p> <p>4° expenditure for the repayment of borrowing.</p>	<p><b><u>Article 28: Composition de dépenses budgétaires</u></b></p> <p>Les dépenses du budget de l'État et du budget d'une entité décentralisée sont constituées de ce qui suit :</p> <p>1° rémunération des employés, utilisation de biens et services, charges d'intérêts, subventions, dons, prestations sociales et autres charges ;</p> <p>2° dépenses d'acquisition d'actifs ;</p> <p>3° dépenses résultant de l'octroi de prêts et de l'acquisition d'actions ;</p> <p>4° dépenses afférentes au remboursement d'emprunts.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 29: Umurongo w'ingengo y'imari w'ingoboka mu ngengo y'imari ya Leta</u></b></p> <p>Mu ngengo y'imari ya Leta, hagenwa amafaranga y'umurongo w'ingengo y'imari w'ingoboka ateganyijwe mu ngengo y'imari ya</p>	<p><b><u>Article 29: Impromptu budget line in the State budget</u></b></p> <p>In the State budget, an appropriation for impromptu budget line is provided for in the budget of the Ministry to meet unexpected expenditure.</p>	<p><b><u>Article 29: Ligne budgétaire pour imprévus dans le budget de l'État</u></b></p> <p>Dans le budget de l'État, il est prévu dans le budget du Ministère une ligne budgétaire pour imprévus pour la couverture de dépenses imprévues.</p>

<p>Mu gihe cyo gutora ingengo y'imari ya Leta buri mwaka, Umutwe w'Abadepite, ushingiyeye ku bitekerezo bya Minisitiri, ugena ibipimo rusange ntarengwa by'aho gufata inguzanyo nshya bigarukira.</p> <p>Byemejwe n'Umutwe w'Abadepite, Minisitiri ashobora gusaba ko hashyirwaho ibipimo binyuranye ku bireba:</p> <p>1° igiteranyo cy'inguzanyo zose z'imbere mu Gihugu, harimo n'avansi ku nguzanyo z'igihe gito;</p> <p>2° igiteranyo cy'inguzanyo z'amahanga.</p> <p>Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo n'amahame rusange agenga amazezerano y'akarere, avansi ku nguzanyo zihabwa ikigega cya Leta na Banki Nkuru y'u Rwanda zigomba kubahiriza ingingo zibigenga zitanywe mu itegeko rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda.</p> <p>Minisitiri ashobora kandi gusaba Umutwe w'Abadepite, kuri buri mwaka w'ingengo y'imari, gushyiraho igipimo ntarengwa</p>	<p>While voting the annual State budget and basing on the recommendations of the Minister, the Chamber of Deputies sets the overall general limit of new borrowing.</p> <p>Upon approval by the Chamber of Deputies, the Minister may recommend different limits on:</p> <p>1° the total domestic borrowing, including short term overdrafts;</p> <p>2° the total foreign borrowing.</p> <p>Without prejudice to the provisions of Paragraph One of this Article and the general principles of regional agreements, overdrafts granted to the National Treasury by the National Bank of Rwanda must conform to the relevant provisions of the Law governing the National Bank of Rwanda.</p> <p>The Minister may, for each fiscal year, also request the Chamber of Deputies to set a limit on the total Government guarantees and securities.</p>	<p>En votant le budget de l'État annuel et sur la base des recommandations du Ministre, la Chambre des Députés fixe la limite générale globale aux nouveaux emprunts.</p> <p>Sur approbation de la Chambre des Députés, le Ministre peut recommander différentes limites sur:</p> <p>1° le total des emprunts intérieurs, y compris les découverts à court terme ;</p> <p>2° le total des emprunts étrangers.</p> <p>Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article et des principes généraux des accords régionaux, les découverts consentis au Trésor national par la Banque nationale du Rwanda doivent être conformes aux dispositions en la matière de la Loi régissant la Banque nationale du Rwanda.</p> <p>Le ministre peut, pour chaque exercice, également demander à la Chambre des Députés de fixer une limite au total des garanties et des sûretés offertes par l'État.</p>

<p>cy'igiteranyo cy'ubwishingire n'ingwate zose Leta ishobora gutanga.</p> <p><b><u>Ingingo ya 59: Gukurikirana umwenda</u></b></p> <p>Minisitiri, Umuyobozi wa Komite Nyobozi y'urwego rwegerejwe abaturage cyangwa Umuyobozi w'isosiye y'ubucuruzi ya Leta ni bo bonyine bafite ububasha bwo kureba ko ibyishyurwa byose bituruka ku nguzanyo cyangwa ingwate zemejwe na Minisitiri byateganyirijwe ingengo y'imari kandi ko ubwishyu bwahawe ababerewemo imyenda hakurikijwe ibiteganywa mu masezerano y'inguzanyo cyangwa y'ingwate ku byerekeye kwishyura.</p> <p><b><u>Ingingo ya 60: Kwishyura igihe kitaragera no guhindura umwenda</u></b></p> <p>Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 56 y'iri tegeko ngenga, ashingiye ku mirongo ngenderwaho rusange y'ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri ku bijyanye n'ingengo y'imari na politiki y'ubukungu rusange, abyumvikanyeho na Banki Nkuru y'u Rwanda kandi byemewe n'utanga inguzanyo, Minisitiri ashobora:</p> <p>1° kwishyura inguzanyo y'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta itaragera igihe cyo kwishyurwa;</p>	<p><b><u>Article 59: Debt monitoring</u></b></p> <p>The Minister, the chairperson of the Executive Committee of a decentralised entity or the head of a State-owned company have the sole authority to ensure that all payments required to meet debt obligations emanating from borrowing or a call on guarantees given by the Minister are budgeted for and payments are made to creditors according to the repayment provisions of the borrowing or guarantee agreements.</p> <p><b><u>Article 60: Prepayment and conversion conditions</u></b></p> <p>Without prejudice to the provisions of Article 56 of this Organic Law, the Minister, under the general guidance of Cabinet decisions on matters relating to the budget and macro-economic policy and in consultation with the National Bank of Rwanda, and with the consent of the lender, may:</p> <p>1° repay borrowing of a central Government entity before its maturity date;</p>	<p><b><u>Article 59 : Suivi de la dette</u></b></p> <p>Le Ministre, le président du Comité exécutif d'une entité décentralisée ou le responsable d'une société commerciale de l'État ont compétence exclusive pour veiller à ce que tous les paiements requis pour honorer les obligations de dette ou qu'un appel de garanties données par le Ministre soient inscrits au budget et que les paiements aux créanciers se fassent conformément aux dispositions de remboursement des accords d'emprunt ou de garantie.</p> <p><b><u>Article 60 : Conditions de remboursement anticipé et de conversion</u></b></p> <p>Sans préjudice des dispositions de l'article 56 de la présente loi organique, le Ministre, conformément à l'orientation générale des décisions du Conseil des Ministres sur des questions relatives au budget et à la politique macro-économique et en concertation avec la Banque nationale du Rwanda et avec l'accord du prêteur, peut :</p> <p>1° rembourser les emprunts d'une entité de l'administration centrale avant leur échéance ;</p>
---	--	---

<p>2° guhindura ibikubiye mu masezerano y'inguzanyo isanzweho y'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta;</p> <p>3° guhindura inyandiko y'inguzanyo y'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta mu yindi nyandiko.</p> <p><b><u>Ingingo ya 61:</u> Ububasha bwo gukora ibindi bikorwa bijyanye no kuziba icyuho cy'imari</b></p> <p>Minisitiri ni we ufite ububasha bwo:</p> <p>1° gushyiraho inyandiko z'umwenda zizishyurwa amafaranga ya Leta nk'ingurane y'umutungo utari amafaranga cyangwa nta ngurane;</p> <p>2° gutanga inguzanyo ku mafaranga ya Leta;</p> <p>3° guharira ubereyemo Leta umwenda inyungu ku nguzanyo, kugabanyiriza umuntu umwenda no kuvugurura amasezerano ku bijyanye n'inyungu ku nguzanyo, umwenda remezo n'ibindi bisabwa ku mwenda ukomoka ku mafaranga ya Leta; kuvunja umwenda</p>	<p>2° modify contractual terms and conditions of any existing borrowing of a central Government entity;</p> <p>3° convert an instrument for borrowing of a central Government entity into any other instrument.</p> <p><b><u>Article 61:</u> Authority to undertake other financing transactions</b></p> <p>The Minister has the authority to:</p> <p>1° issue debt instruments that bind public funds to financial obligations in exchange for assets other than money or without any consideration;</p> <p>2° lend money from public funds;</p> <p>3° forgive, provide debt relief and restructure interest, principal and other terms of a loan from public funds, convert the loan into shares or other assets and take over other person's liabilities after approval by the Cabinet;</p>	<p>2° modifier les conditions et modalités contractuelles de tout emprunt existant d'une entité de l'administration centrale ;</p> <p>3° procéder à la conversion d'un instrument d'emprunt d'une entité de l'administration centrale en tout autre instrument.</p> <p><b><u>Article 61:</u> Pouvoir d'effectuer d'autres opérations de financement</b></p> <p>Le Ministre est habilité à :</p> <p>1° émettre des titres de créance liant les fonds publics à des obligations financières en échange d'actifs autres que de l'argent ou sans aucune contrepartie ;</p> <p>2° prêter de l'argent à partir des fonds publics ;</p> <p>3° annuler, accorder un allègement de dette et restructurer des intérêts, le principal et d'autres conditions d'un prêt provenant des fonds publics, convertir le prêt en actions ou autres actifs et reprendre les dettes d'une</p>
---	--	--



<p>mu migabane cyangwa undi mutungo, no kwishyiraho imyenda y'undi muntu bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri ;</p> <p>4° gusiba mu bitabo by'ibaruramari imyenda ya Leta n'iy'amasosiyete y'ubucuruzi ya Leta bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri;</p> <p>5° kwemeza no gutanga ubwishingire n'ingwate ku nguzanyo no gukora andi masezerano akubiyemo inshingano zo mu rwego rw'imari zireba Leta.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo, ibisabwa n'ibigomba kubahirizwa mu itangwa rya raporo y'ibikorwa bifitanye isano n'ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.</p> <p>Urwego rwegerejwe abaturatione ntirufite ububasha bwo kwishingira undi ariko rushobora gutanga ingwate ku mutungo utimukanwa ku mwenda.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo ingwate z'ibitimukanwa zitangwa n'urwego rwegerejwe abaturatione.</p> <p>Isosiyete y'ubucuruzi ya Leta ishobora gutanga ingwate cyangwa gutanga ibitimukanwa</p>	<p>4° write off public debt and that of State-owned companies after approval by the Cabinet;</p> <p>5° approve and provide guarantees, security and any other transaction that may bind Government to future financial obligations.</p> <p>A Ministerial Order determines procedures, conditions, and reporting requirements in relation to the transactions referred to in Paragraph One of this Article.</p> <p>A decentralised entity does not have powers to act as guarantor for loans but it may take out a loan collateralized by immovable property.</p> <p>A Ministerial Order determines modalities for pledging securities by a decentralised entity.</p> <p>A State-owned company may give guarantees or pledge immovable securities for borrowing upon authorization by the Minister.</p>	<p>autre personne après approbation par le Conseil des Ministres ;</p> <p>4° annuler la dette publique et celle des sociétés commerciales de l'État après approbation par le Conseil des Ministres ;</p> <p>5° approuver et fournir des garanties, des sûretés et toute autre opération pouvant lier l'État à des obligations financières futures.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine les modalités, conditions et exigences en matière de rapport relatives aux opérations visées au premier alinéa du présent article.</p> <p>Une entité décentralisée n'a pas le pouvoir de se porter garante pour des prêts mais elle peut souscrire un prêt garanti par des sûretés immobilières.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine les modalités de constitution de sûretés par une entité décentralisée.</p> <p>Une société commerciale de l'État peut donner des garanties ou constituer des sûretés</p>
---	--	---

<p>byishingira umwenda, ihawe uruhushya na Minisitiri.</p> <p><b><u>Ingingo ya 62:</u> Amafaranga ahabwa inzego za Leta n’uburyo zigura kandi zigacunga imigabane mu masosiyete</b></p> <p>Kugira ngo urwego rw’ubutegetsi bwite bwa Leta n’urwego rwegerejwe abaturage zihabwe amafaranga na Leta, cyangwa zigure imigabane mu kigo hagamijwe guteza imbere politiki ya Leta, bigomba kuba byaragenwe mu ngengo y’imari.</p> <p>Icyakora, urwego rw’ubutegetsi bwite bwa Leta rushobora kugura imigabane byemejwe n’Inama y’Abaminisitiri.</p> <p>Urwego rwegerejwe abaturage rushobora kugura imigabane byemejwe n’Inama Njyanama.</p> <p>Minisitiri akena buri mwaka igipimo rusange ntarengwa cy’amafaranga ahabwa inzego za Leta cyangwa amafaranga yo gufata imigabane muri izo nzego.</p> <p>Buri mwaka, umubare w’amafaranga ntarengwa uhabwa inzego za Leta cyangwa ashirwa mu migabane bigenwa n’Inama y’Abaminisitiri kandi bigatorwa n’Umutwe w’Abadepite.</p>	<p><b><u>Article 62:</u> Subsidies to public sector entities, acquisition and management of shares by such entities</b></p> <p>A central Government entity and a decentralized entity can only receive subsidies or acquire shares towards promoting Government policy if there are budget appropriations for that purpose.</p> <p>However, a central Government entity may acquire shares upon approval by the Cabinet.</p> <p>A decentralised entity may acquire shares upon approval by its Council.</p> <p>Each year, the Minister determines the maximum amount of subsidies to public sector entities or that of funds used by such entities for the acquisition of shares.</p> <p>Each year, the maximum amount of subsidies to public sector entities or that of funds used for the acquisition of shares is determined by the Cabinet and adopted by the Chamber of Deputies.</p>	<p>immobilières pour des prêts sur autorisation du Ministre.</p> <p><b><u>Article 62:</u> Subventions aux entités publiques, acquisition et gestion d’actions par ces entités</b></p> <p>Une entité de l’administration centrale et une entité décentralisée ne peuvent bénéficier de subventions ou acquérir des actions en vue de la promotion d’une politique gouvernementale à moins qu’il n’existe des dotations budgétaires prévues à cet effet.</p> <p>Toutefois, une entité de l’administration centrale peut acquérir des actions après approbation par le Conseil des Ministres.</p> <p>Une entité décentralisée peut acquérir des actions après approbation par son Conseil.</p> <p>Chaque année, le Ministre fixe le montant maximum des subventions aux entités publiques ou celui de fonds utilisés par ces entités pour l’acquisition d’actions.</p> <p>Chaque année, le montant maximum de subventions aux entités publiques ou celui de fonds utilisés pour l’acquisition d’actions est déterminé par le Conseil des Ministres et adopté par la Chambre des Députés.</p>
--	--	---

<p>Raporo y'imari yahujwe igaragaza amazina y'inzego za Leta zaguriwe imigabane hamwe n'amafaranga zahawe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 63: Kubika inyandiko z'imyenda</u></b></p> <p>Minisitiri afatanyije na Banki Nkuru y'u Rwanda, atunganya igitabo cy'ibaruramari gikubiyemo ku buryo burambuye, imyenda yose ya Leta, ubwishingire n'ingwate za Leta ku myenda hamwe n'ingengabihe yo kwishyura iyo myenda yose.</p> <p>Minisitiri atunganya kandi igitabo kirimo inguzanyo Leta itanga ku mafaranga yayo n'ingengabihe yo kwishyura izo nguzanyo.</p> <p>Inyungu n'umwenda w'iremezo byishyuwe ku mafaranga ya Leta byandikwa mu gitabo cyabugenewe kandi bigakurikiranwa bikanemerwa nk'amafaranga yinjiye mu itegeko ry'ingengo y'imari ya Leta.</p> <p>Urwego rwa Leta rugomba gushyiraho igitabo cyandikwamo imyenda yose rufite n'uko ruyishyura hakurikijwe ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri.</p>	<p>The consolidated financial statements indicate the names of public sector entities having acquired shares and subsidies received by such entities.</p> <p><b><u>Article 63: Maintaining debt records</u></b></p> <p>The Minister, in consultation with the National Bank of Rwanda, maintains a detailed record of all public debt and Government securities or guarantees on third-party debt, as well as the repayment plan under all such debts.</p> <p>The Minister also maintains a detailed record of lending from public funds and repayment plan of such lending.</p> <p>Interest and principal payments of lending from public funds are recorded in an appropriate register and monitored and recognized as revenues in the State Finance Law.</p> <p>A public sector entity must maintain a detailed record of all its debts and debt servicing in accordance with the Ministerial Order.</p>	<p>Les états financiers consolidés indiquent les noms des entités publiques ayant acquis des actions et les subventions reçues par ces dernières.</p> <p><b><u>Article 63 : Tenue des documents relatifs à la dette</u></b></p> <p>Le Ministre, en consultation avec la Banque nationale du Rwanda, tient un registre détaillé de l'ensemble de la dette publique et des suretés ou garanties offertes par l'État pour les dettes contractées par des tiers ainsi que le plan de remboursement au titre de l'ensemble de ces dettes.</p> <p>Le Ministre tient également un registre détaillé des prêts accordés à partir des fonds publics et un plan de remboursement de ces prêts.</p> <p>Les paiements des intérêts et du capital du prêt consenti sur les fonds publics sont inscrits dans un registre approprié, contrôlés et considérés comme des recettes dans la loi de finances de l'État.</p> <p>Une entité publique doit tenir un registre détaillé de toute sa dette et relatif au service de cette dette conformément à l'arrêté ministériel.</p>
--	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 64: Imicungire y’umwenda</u></b></p> <p>Minisitiri ategura kandi agatangaza, buri mwaka, ingamba zo gucunga imyenda ya Leta. Ashyiraho imirongo ngenderwaho yerekeye imyenda Leta ishobora kwishingira.</p> <p>Mu rwego rwo gushyiraho imirongo ngenderwaho no gushyira mu bikorwa ingamba zo gucunga imyenda ya Leta buri mwaka, Minisitiri agisha inama Banki Nkuru y’u Rwanda.</p> <p>Hakurikijwe amasezerano yanditse Minisitiri agirana na Banki Nkuru y’u Rwanda, iyo banki ikora ibisabwa byose bya ngombwa bigenewe gushyira mu bikorwa imicungire y’imyenda ya Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 65: Ishoramari ry’amafaranga arenga ku ngengo y’imari</u></b></p> <p>Minisitiri, amaze kujya inama na Komite y’Imicungire y’Ikigega cya Leta, ku gihe gito, ashobora gushora amafaranga y’ikirenga kuri konti imwe rukumbi y’Ikigega cya Leta, mu mitungo yakoresheye ku gihe gito, kandi akabimenyeshya Inama y’Abaminisitiri.</p>	<p><b><u>Article 64: Debt management</u></b></p> <p>The Minister prepares and publishes each year the public debt management strategies. He or she issues guidelines on any borrowing the Government may guarantee.</p> <p>In the formulation of debt management guidelines and implementation of debt management strategies, the Minister, each year, consults with the National Bank of Rwanda.</p> <p>In accordance with a written agreement with the Minister, the National Bank of Rwanda provides all the services required for the management of public debt.</p> <p><b><u>Article 65: Investment of budget surplus funds</u></b></p> <p>The Minister may, upon advice by the Treasury Management Committee and for a short period, invest surplus funds in the treasury single account, in short term liquid asset, and inform the Cabinet.</p>	<p><b><u>Article 64 : Gestion de la dette</u></b></p> <p>Le Ministre prépare et publie chaque année des stratégies de gestion de la dette publique. Il édicte des lignes directrices relatives à tout emprunt que le Gouvernement peut garantir.</p> <p>Dans le cadre de la formulation des lignes directrices de gestion de la dette et de l’exécution des stratégies de gestion de la dette publique, le Ministre consulte chaque année la Banque nationale du Rwanda.</p> <p>Conformément à un accord écrit conclu avec le Ministre, la Banque nationale du Rwanda fournit tous les services requis pour la gestion de la dette publique.</p> <p><b><u>Article 65 : Placement de fonds provenant de l’excédent budgétaire</u></b></p> <p>Le Ministre peut, sur avis du Comité de Gestion du Trésor et pour une courte période, placer les fonds excédentaires du compte unique du trésor en actifs liquides à court terme et en informer le Conseil des Ministres.</p>
---	---	---

<p>Amafaraŋga akomotse kuri iryo shoramari ry'amafaraŋga ya Leta ashirwa kuri konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta.</p> <p>Urwego rwegerejwe abaturage rushobora gushora imari mu mitungo yakorehwa ku gihe gito, hakurikijwe ibisabwa n'imirongo ngenderwaho biteganywa n'Iteka rya Minisitiri.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibindi bisabwa kugira ngo hakorwe ishoramari ry'amafaraŋga arenga ku ngengo y'imari.</p> <p><b><u>Ingingo ya 66: Ishoramari mu mishinga no mu bufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera</u></b></p> <p>Imishinga yose n'ubufatanye by'urwego rwa Leta rwo mu butegetsi bwite bwa Leta n'abikorera n'iby'urwego rwegerejwe abaturage n'abikorera byemezwa na Komite ishinzwe Ishoramari rya Leta cyangwa Komite Ngishwanama ku mishinga y'Inzego z'Ibanze.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'ibigenderwaho mu kwemeza imishinga n'ubufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera bishorwamo imari.</p>	<p>The proceeds from the investment of public funds are deposited in the treasury single account.</p> <p>A decentralised entity may invest funds in short term liquid assets, subject to the criteria and guidelines provided for in the Ministerial Order.</p> <p>A Ministerial Order determines procedures and other requirements for the investment of budget surplus funds.</p> <p><b><u>Article 66: Investments in projects and public-private partnerships</u></b></p> <p>All projects and public-private partnerships of a central Government entity and those of a decentralised entity and the private sector are approved by the Public Investment Committee and the Local Government Projects Advisory Committee, respectively.</p> <p>A Ministerial Order determines procedures and criteria for approving projects and public-private partnerships.</p>	<p>Le produit du placement de fonds publics est déposé sur le compte unique du trésor.</p> <p>Une entité décentralisée peut investir des fonds dans des actifs liquides à court terme, sous réserve des critères et lignes directrices prévus par arrêté ministériel.</p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les modalités et autres exigences de placement de fonds provenant de l'excédent budgétaire.</p> <p><b><u>Article 66 : Placement dans des projets et partenariats public-privé</u></b></p> <p>Tous les projets et partenariats public-privé d'une entité de l'administration centrale et ceux d'une entité décentralisée et le secteur privé sont respectivement approuvés par le Comité des Investissement publics et par le Comité consultatif sur les Projets de l'Administration locale.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine les modalités et les critères d'approbation des projets et des partenariats public-privé.</p>
---	--	---

<b><u>Ingingo ya 67: Konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta</u></b>	<b><u>Article 67: Treasury single account</u></b>	<b><u>Article 67 : Compte unique du trésor</u></b>
<p>Amafaranga yinjiye yose y'ubutegetsi bwite bwa Leta ahurizwa hamwe kuri konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta muri Banki Nkuru y'u Rwanda.</p>	<p>All central Government revenues are credited into the treasury single account in the National Bank of Rwanda.</p>	<p>Toutes les recettes de l'administration centrale sont déposées sur le compte unique du trésor à la Banque nationale du Rwanda.</p>
<p>Minisitiri agomba kugenzura buri gihe ko konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta iriho amafaranga ahagije mbere yo kwemera ko ivanwaho amafaranga yishyurwa.</p>	<p>The Minister must regularly ensure that there are sufficient funds in the treasury single account before authorizing any payment.</p>	<p>Le Ministre doit veiller régulièrement à ce qu'il y ait suffisamment de fonds sur le compte unique du trésor avant d'autoriser tout paiement.</p>
<p>Konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta ishobora kugira izindi konti ziyishamikiyeho zagenewe ibikorwa byihariye by'ubutegetsi bwite bwa Leta n'urwego rwegerejwe abaturage.</p>	<p>The treasury single account may include sub-accounts for specific transactions of central Government and decentralised entities.</p>	<p>Le compte unique du trésor peut inclure des sous-comptes pour des transactions spécifiques de l'administration centrale et des entités décentralisées.</p>
<p>Iyo bibaye ngombwa, hashobora gufungurwa konti zinyuraho amafaranga ya Leta mu zindi banki byemejwe na Minisitiri.</p>	<p>Where necessary, treasury transit accounts may be opened in other banks upon approval by the Minister.</p>	<p>Des comptes de transit du trésor peuvent, le cas échéant, être ouverts dans d'autres banques après approbation du Ministre.</p>
<p>Amafaranga yose y'ingengo y'imari ya Leta atakoreshejwe ashirwa mu kigega cya Leta, keretse igihe biteganyijwe ukundi n'iteka rya Minisitiri.</p>	<p>All unused funds of the State budget are transferred to the National Treasury, unless otherwise provided by the Ministerial Order.</p>	<p>Tous les fonds non utilisés du budget de l'État sont transférés au Trésor national, à moins que l'arrêté ministériel n'en dispose autrement.</p>
<p>Minisitiri afite ububasha bwo gutegeka ko amafaranga yose yinjijwe n'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta akomotse ku</p>	<p>The Minister has the authority to require any funds accumulated from internally generated revenue to be transferred to the National Treasury.</p>	<p>Le Ministre a le pouvoir d'exiger que tous fonds accumulés à partir des recettes générées en interne soient transférés au Trésor national.</p>

<p>bikorwa byarwo yimurirwa mu kigege cya Leta.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena ingengabihe n'ibirebwa n'iyimurwa ry'amafaranga atarakoreshejwe n'ayinjijwe n'urwego rwa Leta ashirwa mu kigege cya Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 68</u> : Imicungire ya konti z'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta</b></p> <p>Nta konti y'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa iy'ikigo kirushamikiyeho, ifungurwa, haba mu Gihugu cyangwa hanze yacyo, Minisitiri atabanje kubitangira uruhushya rwanditse.</p> <p>Mu izina rya Leta, Minisitiri ashobora kugirana amasezerano na banki iyo ari yo yose cyangwa ikigo cy'imari ku birebana no kwakira, kubika, kwishyura cyangwa guhererekanya amafaranga ya Leta, cyangwa ikindi gikorwa cyose kijyanye n'imikoranyire ya Leta na banki n'ibigo by'imari.</p> <p>Umukozi wa Leta cyangwa undi muntu wabiherewe ububasha wakiriye amafaranga ya Leta y'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta agomba guhita ayabitsa kuri konti yabugenewe yo muri banki cyangwa ikigo cy'imari.</p>	<p>A Ministerial Order determines the timeframe and scope of transfer of these unused and accumulated funds to the National Treasury.</p> <p><b><u>Article 68</u>: Management of bank accounts of a central Government entity</b></p> <p>No bank account of a central Government entity or of its subsidiary entity is opened, whether within or outside the country, without prior written authorisation from the Minister.</p> <p>The Minister, on behalf of the State, may enter into an agreement with any bank or financial institution on matters related to receipt, custody, payment or transfers of public funds, or any other matter related to the Government's transactions with banks and financial institutions.</p> <p>A public servant or any other authorized person who receives public funds of a central Government entity must promptly deposit them into an account designated to that end in a bank or financial institution.</p>	<p>Un arrêté ministériel détermine les délais et la portée du transfert au Trésor national de ces fonds non utilisés et accumulés.</p> <p><b><u>Article 68</u> : Gestion des comptes bancaires d'une entité de l'administration centrale</b></p> <p>Aucun compte bancaire d'une entité de l'administration centrale ou de son entité affiliée n'est ouvert, que ce soit à l'intérieur ou à l'extérieur du pays, sans l'autorisation écrite préalable du Ministre.</p> <p>Le Ministre, au nom de l'État, peut conclure avec toute banque ou institution financière un accord sur des questions relatives à la réception, à la garde, au paiement ou aux transferts de fonds publics ou sur toute autre question liée aux transactions de l'État avec des banques et institutions financières.</p> <p>Un agent de l'État ou toute autre personne habilitée qui reçoit des fonds publics d'une entité de l'administration centrale doit immédiatement déposer ces fonds sur un compte désigné à cet effet dans une banque ou une institution financière.</p>
--	--	---

<p>Ibikurikizwa mu gucunga konti mu rwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta bigenwa n'iteka rya Minisitiri.</p> <p><b><u>Ingingo ya 69</u> : Imicungire ya konti z'urwego rwegerejwe abaturatione muri banki</b></p> <p>Ku rwego rwegerejwe abaturatione, gufungura konti muri banki cyangwa mu kigo cy'imari bibanza kwemerwa mu nyandiko na Minisitiri.</p> <p>Ashingiye ku ruhushya rwa Minisitiri, Umuyobozi wa Komite Nyobozi ashobora kugirana amasezerano na banki y'ubucuruzi cyangwa ikigo cy'imari yo gufungura konti yo kwakira, kubika no kwishyura amafaranga ajyana n'imikoranyire y'urwego rwegerejwe abaturatione na banki.</p> <p>Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta w'urwego rwegerejwe abaturatione asezura buri gihe ko amafaranga ahagije kuri konti yarwo muri banki cyangwa mu kigo cy'imari mbere yo gutanga uruhushya rwo kwishyura.</p> <p>Umukozi wa Leta cyangwa undi muntu wabihereye ububasha wakira amafaranga ya Leta ajyana n'urwego rwegerejwe abaturatione agomba kwihutira kuyashyira kuri konti</p>	<p>The procedures for management of bank accounts in a central Government entity are determined by the Ministerial Order.</p> <p><b><u>Article 69</u>: Management of bank accounts of a decentralised entity</b></p> <p>For a decentralised entity, the opening of a bank or financial institution account require prior written approval by the Minister.</p> <p>Following approval by the Minister, the chairperson of the Executive Committee may enter into an agreement with a commercial bank or financial institution on the receipt, custody, and payment of money pertaining to a decentralised entity's transactions with the bank.</p> <p>The Chief Budget Manager of a decentralised entity regularly ensures that there are sufficient funds in the bank or financial institution account of such an entity before authorising any payment.</p> <p>A public servant or any other authorized person who receives public funds relating to a decentralised entity must promptly deposit</p>	<p>Les modalités de gestion des comptes bancaires dans une entité de l'administration centrale sont déterminées par arrêté ministériel.</p> <p><b><u>Article 69</u> : Gestion des comptes bancaires d'une entité décentralisée</b></p> <p>Pour une entité décentralisée, l'ouverture d'un compte dans une banque ou une institution financière exige l'approbation préalable écrite du Ministre.</p> <p>Après approbation par le Ministre, le président du Comité exécutif peut conclure avec une banque commerciale ou une institution financière un accord sur la réception, la garde et le paiement de l'argent se rapportant aux opérations d'une entité décentralisée avec la banque.</p> <p>Le Gestionnaire principal du budget d'une entité décentralisée veille régulièrement à ce qu'il y ait suffisamment de fonds sur le compte de cette entité dans une banque ou dans une institution financière avant d'autoriser tout paiement.</p> <p>Un agent de l'État ou toute autre personne habilitée qui reçoit des fonds publics destinés à une entité décentralisée doit immédiatement</p>
---	--	--



<p>yagenwe muri banki cyangwa mu kigo cy'imari.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa mu gucunga konti mu rwego rwegerejwe abaturatione.</p> <p><b><u>Ingingo ya 70</u> : Imicungire ya konti muri banki z'amashami y'urwego rwegerejwe abaturatione</b></p> <p>Gufungura konti muri banki y'urwego rushamikiye ku rwego rwegerejwe abaturatione bisaba uruhushya rwanitse rw'Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n'umutungo bya Leta kandi bigakurikiza amahame rusange agenga imicungire ya konti muri banki y'urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta n'urwego rwegerejwe abaturatione.</p> <p>Umukozi wakiriye amafaranga ya Leta agenewe urwego rushamikiye ku rwego rwegerejwe abaturatione agomba guhita ayashyira kuri konti yabugenewe iri muri banki cyangwa mu kigo cy'imari.</p> <p>Ibikurikizwa mu gucunga konti mu nzego zishamikiye ku rwego rwegerejwe abaturatione bigenwa n'iteka rya Minisitiri.</p>	<p>them into an account designated to that end in a bank or financial institution.</p> <p>A Ministerial Order determines procedures for the management of bank accounts in a decentralised entity.</p> <p><b><u>Article 70: Management of bank accounts of subsidiary entities of a decentralised entity</u></b></p> <p>The opening a bank account of a subsidiary entity of a decentralised entity requires prior written approval of the Chief Budget Manager and follows the general principles for the management of bank accounts of a central Government entity and decentralised entity.</p> <p>A public servant who receives public funds of a subsidiary entity of a decentralised entity must promptly deposit them into an account designated to that end in a bank or financial institution.</p> <p>The procedures for management of bank accounts of subsidiary entities of a decentralised entity are determined by the Ministerial Order.</p>	<p>les déposer sur un compte désigné à cet effet dans une banque ou une institution financière.</p> <p>Un arrêté ministériel fixe les modalités de gestion des comptes bancaires dans une entité décentralisée.</p> <p><b><u>Article 70</u> : Gestion des comptes bancaires des entités affiliées d'une entité décentralisée</b></p> <p>L'ouverture d'un compte bancaire d'une entité affiliée d'une entité décentralisée exige l'approbation écrite préalable du Gestionnaire principal du budget et suit les principes généraux de gestion des comptes bancaires d'une entité de l'administration centrale et d'une entité décentralisée.</p> <p>Un agent de l'État qui reçoit des fonds publics d'une entité affiliée d'une entité décentralisée doit immédiatement les déposer sur un compte désigné à cet effet dans une banque ou une institution financière.</p> <p>Les modalités de gestion des comptes bancaires des entités affiliées d'une entité décentralisée sont déterminées par arrêté ministériel.</p>
--	--	---

<b><u>Ingingo ya 71: Imicungire y’umutungo wa Leta</u></b>	<b><u>Article 71: Management of public property</u></b>	<b><u>Article 71 : Gestion des biens publics</u></b>
<p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n’umutungo bya Leta ni we ushinzwe kugura umutungo wa Leta, kuwitaho, kuwinjiza mu bitabo no kuwikuraho, akurikije ibiteganywa n’iri tegeko ngenga n’andi mategeko abigenga.</p>	<p>The Chief Budget Manager is responsible for the acquisition, maintenance, recording and disposal of public property in accordance with this Organic Law and other relevant legislation.</p>	<p>Le Gestionnaire principal du budget est chargé de l’acquisition, de l’entretien, de l’enregistrement et de la cession des biens publics relevant de sa responsabilité conformément à la présente loi organique et à toute autre législation en la matière.</p>
<p>Umutungo wa Leta ushobora guhererekanywa hagati y’inzego z’ubutegetsi bwite bwa Leta n’inzego zegerejwe abaturage, kugurishwa no gukodeshwa, mu gihe gusa iryo hererekanya, igurisha cyangwa ikodesha byemewe n’amategeko abigenga kandi byemejwe n’urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>The public property may be transferred between central Government entities and decentralised entities, disposed of, and leased, only if such transfer, disposal, or lease is permissible under relevant legislation and approved by the competent authority.</p>	<p>Les biens publics ne peuvent être transférés entre les entités de l’administration centrale et les entités décentralisées, cédés et donnés à bail que si ce transfert, cette cession ou ce bail sont autorisés en vertu de la législation en la matière et approuvés par l’autorité compétente.</p>
<p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n’umutungo bya Leta agomba gutunganya igitabo cyandikwamo umutungo wa Leta uri mu nshingano ze kandi agaha Minisitiri raporo akurikije ibiteganywa n’iteka rya Minisitiri. Minisitiri ategura raporo ku mutungo wa Leta ihuriza hamwe raporo zatanzwe n’Abayobozi Bakuru bashinzwe gucunga imari n’umutungo bya Leta.</p>	<p>The Chief Budget Manager must maintain a register of public property under his or her responsibility and submit a report thereon to the Minister in accordance with the provisions of the Ministerial Order. The Minister prepares a report on public property that consolidates reports from the Chief Budget Managers.</p>	<p>Le Gestionnaire principal du budget doit tenir un registre des biens publics relevant de sa responsabilité et soumettre au Ministre un rapport y relatif conformément aux dispositions de l’arrêté ministériel. Le Ministre prépare un rapport sur les biens publics qui consolide les rapports des Gestionnaires principaux du budget.</p>
<p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n’umutungo bya Leta ni we ushinzwe gucunga, kwinjiza mu bitabo no kugaragaza mu nyandiko ibiri mu bubiko bw’umutungo wa</p>	<p>The Chief Budget Manager is responsible for the management, recording and stocktaking of inventories of public property under his or her responsibility in accordance with the</p>	<p>Le Gestionnaire principal du budget est chargé de la gestion, de l’enregistrement et de la prise d’inventaire des biens publics relevant de sa responsabilité conformément aux</p>

<p>Leta uri mu nshingano ze, akurikije ibiteganywa n'iri tegeko ngenga n'andi mategeko abigenga.</p> <p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta atunganya inyandiko y'ibaruramutungo kandi agatanga raporo yaryo kuri Minisitiri akurikije ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gucunga umutungo wa Leta, harimo no gukora ibaruramutungo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 72: Imicungire y'amafaranga urwego rwa Leta ruberewemo cyangwa ayo rubereyemo abandi</u></b></p> <p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ni we ushinzwe imicungire y'amafaranga urwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa urwego rwegerejwe abatwaga ruberewemo n'abandi cyangwa ayo rubereyemo abandi.</p> <p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agomba gufata ingamba za ngombwa zo gushyira mu bikorwa uburenganzira bwo kwishyura amafaranga urwego ruberewemo hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.</p>	<p>provisions of this Organic Law and any other relevant legislation.</p> <p>The Chief Budget Manager maintains a record of inventories and submits a report thereon to the Minister in accordance with the provisions of the Ministerial Order.</p> <p>A Ministerial Order determines procedures for the management of public property, including inventories.</p> <p><b><u>Article 72: Management of accounts receivable and payable of a public sector entity</u></b></p> <p>The Chief Budget Manager is responsible for the management of accounts receivable and payable and other amounts owed to or by the central Government or decentralised entity.</p> <p>The Chief Budget Manager must take necessary measures to enforce, in accordance with legal provisions, a claim arising from accounts receivable.</p>	<p>dispositions de la présente loi organique et de toute autre législation en la matière.</p> <p>Le Gestionnaire principal du budget tient un registre d'inventaire et soumet au Ministre un rapport y relatif conformément aux dispositions de l'arrêté ministériel.</p> <p>Un arrêté du Ministre détermine les modalités de gestion des biens publics, y compris l'inventaire.</p> <p><b><u>Article 72 : Gestion des comptes débiteurs et créditeurs d'une entité publique</u></b></p> <p>Le Gestionnaire principal du budget est chargé de la gestion des comptes créditeurs et débiteurs et d'autres montants dus à une entité de l'administration centrale ou une entité décentralisée ou dus par elle.</p> <p>Le Gestionnaire principal du budget doit prendre les mesures nécessaires pour recouvrer, conformément aux dispositions légales, une créance résultant des comptes débiteurs.</p>
---	---	--

<p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agomba gutunganya inyandiko yuzuye ikubiyemo amafaranga urwego rw'ubutegetsi bwite cyangwa urwego rwegerejwe abaturage ruberewemo n'ayo rubereyemo abandi, agatanga raporo kwa Minisitiri akurikije ibiteganywa n'iteka rya Minisitiri.</p>	<p>The Chief Budget Manager must maintain a complete record of all accounts receivable and payable and other amounts owed to or by the central Government or decentralised entity and submit a report thereon to the Minister in accordance with the provisions of the Ministerial Order.</p>	<p>Le Gestionnaire principal du budget doit tenir un registre complet de tous les comptes débiteurs et créditeurs et autres montants dus à une entité de l'administration centrale ou à une entité décentralisée ou dus par elle et soumettre au Ministre un rapport y relatif conformément à l'arrêté ministériel.</p>
<p>Bitabangamiye ibiteganywa n'ingigo ya 62 y'iri tegeko ngenga, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta agomba gusaba Inama y'Ubuyobozi y'ikigo cya Leta, umuyobozi w'urundi rwego rw'ubutegetsi bwite bwa Leta cyangwa Inama Njyanama y'urwego rwegerejwe abaturage uburenganzira mu nyandiko bwo gusiba mu bitabo by'ibaruramari amafaranga urwego ruberewemo atagishoboye kwishyuzwa n'ayo rubereyemo abandi amaze igihe kirekire atishyuwe.</p>	<p>Without prejudice to the provisions of Article 62 of this Organic Law, the Chief Budget Manager must apply in writing to the board of directors of a public institution or to the executive head of another central Government entity or the Council of a decentralised entity for authorisation to write off irrecoverable assets and long outstanding liabilities.</p>	<p>Sans préjudice des dispositions de l'Article 62 de la présente loi organique, le Gestionnaire principal du budget doit demander par écrit au Conseil d'administration d'un établissement public, au responsable exécutif d'une autre entité de l'administration centrale ou au Conseil d'une entité décentralisée l'autorisation d'effectuer la radiation des actifs irrécouvrables et des passifs en souffrance depuis longtemps.</p>
<p>Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo gucunga amafaranga urwego ruberewemo n'ayo rubereyemo abandi no gusiba mu bitabo by'ibaruramari amafaranga atagishoboye kwishyuzwa n'imyenda imaze igihe kirekire itishyuwe.</p>	<p>A Ministerial Order determines procedures for the management of accounts receivable and accounts payable and the write-off of irrecoverable assets and long outstanding liabilities.</p>	<p>Un arrêté ministériel détermine les modalités de gestion des comptes débiteurs et créditeurs et de radiation des actifs irrécouvrables et des passifs en souffrance depuis longtemps.</p>

<p><b>UMUTWE WA VI: IBARURAMARI, RAPORO Z'IMARI N'IGENZURAMUTUNGO</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 73: Amahame y'ibaruramari</u></b></p> <p>Bitabangamiye ibiteganyijwe n'andi mategeko, iteka rya Minisitiri rigena amabwiriza agenga ibaruramari rikurikizwa mu nzego za Leta zose, hakurikijwe amahame y'ibaruramari yemewe mu rwego mpuzamahanga.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena imiterere, igihe n'ibikubiye muri raporo zikorwa n'inzego za Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 74: Ibaruramari rya Leta</u></b></p> <p>Umubaruramari Mukuru ashinzwe gukurikirana no guhuza ibikorwa by'ibaruramari, gushyiraho no guteza imbere iyubahirizwa ry'amabwiriza mu gutanga raporo z'ibaruramari n'iz'icungamutungo bikurikizwa n'inzego za Leta.</p> <p>Umubaruramari Mukuru akurikirana ishyirwa mu myanya, kubakirwa ubushobozi, imikorere n'imicungire by'ababaruramari mu nzego z'ubutegetsu bwite bwa Leta no mu nzego zegerejwe abatwariye.</p>	<p><b>CHAPTER VI: ACCOUNTING, REPORTING AND AUDIT</b></p> <p><b><u>Article 73: Accounting standards</u></b></p> <p>Without prejudice to the provisions of other Laws, a Ministerial Order determines accounting standards applicable to all public sector entities in accordance with internationally accepted accounting standards.</p> <p>A Ministerial Order determines the format, frequency and contents of reporting by public sector entities.</p> <p><b><u>Article 74: Public accounting</u></b></p> <p>The Accountant General is responsible for monitoring and coordinating accounting activities and for setting and promoting compliance with the accounting and financial reporting standards applicable to public sector entities.</p> <p>The Accountant General oversees the recruitment, capacity-building for, performance and management of accounting officers in central Government entities and decentralized entities.</p>	<p><b>CHAPITRE VI: COMPTABILITÉ, INFORMATION FINANCIÈRE ET AUDIT</b></p> <p><b><u>Article 73 : Normes comptables</u></b></p> <p>Sans préjudice des dispositions d'autres lois, un arrêté ministériel détermine les normes comptables applicables à toutes les entités publiques conformément aux normes comptables internationalement reconnues.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine le canevas, la fréquence et le contenu de l'information financière des entités publiques.</p> <p><b><u>Article 74 : Comptabilité publique</u></b></p> <p>Le Comptable général est chargé du suivi et de la coordination des activités comptables ainsi que de l'établissement et de la promotion du respect des normes comptables et d'information financière applicables aux entités publiques.</p> <p>Le Comptable général assure le contrôle du recrutement, du renforcement des capacités, des performances et de la gestion des comptables au sein des entités de l'administration centrale et des entités décentralisées.</p>
---	--	---

<p>Iteka rya Minisitiri rigena inshingano zihariye n'imikorere by'Umubaruramari Mukuru hamwe n'inshingano z'abakozi b'ibaruramari mu nzego za Leta .</p> <p><b><u>Ingingo ya 75: Umwaka w'ingengo y'imari ukurikizwa n'inzego za Leta</u></b></p> <p>Umwaka w'ingengo y'imari ukurikizwa n'inzego za Leta ni igihe cy'amezi cumi n'abiri (12) kibarwa uherye ku itariki ya mbere Nyakanga kikageza ku itariki 30 Kamena.</p> <p><b><u>Ingingo ya 76: Ibikorikizwa mu gufunga ibitabo by'ibaruramari umwaka w'ingengo y'imari urangiye</u></b></p> <p>Mbere y'irangira ry'umwaka w'ingengo y'imari, Minisitiri, abisabwe n'Umubaruramari Mukuru, atanga imirongo ngenderwaho yerekeye ibikorikizwa mu gufunga ibitabo by'ibaruramari, harimo uburyo bwose n'ibisabwa mu gufunga ibitabo by'ibaruramari, gutegura raporo z'ibaruramari z'umwaka no kuzitanga.</p>	<p>A Ministerial Order determines specific duties and functioning of the Accountant General as well as the duties of accounting officers of public sector entities.</p> <p><b><u>Article 75: Fiscal year of public sector entities</u></b></p> <p>The fiscal year of public sector entities is a period of twelve (12) months running from 1 July to 30 June.</p> <p><b><u>Article 76: Fiscal year-end accounting procedures</u></b></p> <p>Before the end of the fiscal year, the Minister, upon proposal by the Accountant General, issues guidelines concerning the year-end accounting procedures, which include any procedures and requirements for closing the books of accounts, preparing and submitting annual financial statements.</p>	<p>Un arrêté ministériel détermine les fonctions spécifiques et le fonctionnement du Comptable général ainsi que les attributions des comptables des entités publiques.</p> <p><b><u>Article 75 : Exercice des entités publiques</u></b></p> <p>L'exercice de toutes les entités publiques s'étend sur une période de douze (12) mois allant du 1er juillet au 30 juin.</p> <p><b><u>Article 76 : Procédures comptables de fin d'exercice</u></b></p> <p>Avant la clôture de l'exercice, le Ministre, sur proposition du Comptable général, émet des lignes directrices concernant les procédures comptables de fin d'exercice, qui comprennent toutes les procédures et exigences relatives à la clôture des comptes, à la préparation et à la soumission des états financiers annuels.</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 77: Raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari na raporo y'ibikorwa</u></b></p> <p>Urwego rwose rw'ubutegetsi bwite bwa Leta rutegura kandi rugashyikiriza Minisitiri irureberera raporo zarwo z'igihembwe n'iz'umwaka zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari n'izerekeye ibikorwa, mu minsi icumi (10) ikurikira irangira rya buri gihembwe no mu minsi makumyabiri (20) ikurikira irangira ry'umwaka w'ingengo y'imari.</p> <p>Urwego rwose rwegerejwe abaturage rutegura raporo zarwo z'igihembwe n'iz'umwaka zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari n'izerekeye ibikorwa, rukazishyikiriza Inama Njyanama yarwo, kopi igahabwa Minisitiri ufite inzego zegerejwe abaturage mu nshingano, mu minsi icumi (10) ikurikira irangira rya buri gihembwe no mu minsi makumyabiri (20) ikurikira irangira ry'umwaka w'ingengo y'imari .</p> <p>Minisitiri n'inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta zidafite Minisitiri zizireberera zitegura kandi zigashyikiriza Minisitiri raporo y'igihembwe n'iy'umwaka yerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari harimo na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'iyinjizwa ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo</p>	<p><b><u>Article 77: Budget execution and activity reports</u></b></p> <p>Every central Government entity prepares and submits its quarterly and annual budget execution and activity reports to its supervising Ministry within ten (10) days after the end of each quarter and twenty (20) days after the end of the fiscal year.</p> <p>Each decentralised entity prepares and submits its quarterly and annual budget execution and activity reports to its Council with a copy to the Minister in charge of decentralised entities within ten (10) days after the end of each quarter and twenty (20) days after the end of the fiscal year.</p> <p>All Ministries and central Government entities which are not under the supervision of any Ministry prepare and submit to the Minister their quarterly and annual budget execution report, including gender budget statement and activity report.</p>	<p><b><u>Article 77 : Rapport d'exécution du budget et rapport d'activités</u></b></p> <p>Chaque entité de l'administration centrale prépare et soumet à son Ministère de tutelle ses rapports trimestriel et annuel d'exécution du budget et ses rapports d'activités dans les dix (10) jours suivant la fin de chaque trimestre et dans les vingt (20) jours suivant la fin de l'exercice.</p> <p>Chaque entité décentralisée prépare et soumet ses rapports trimestriel et annuel d'exécution du budget et ses rapports d'activités à son Conseil et en réserve copie au Ministre ayant les entités décentralisées dans ses attributions dans les dix (10) jours suivant la fin de chaque trimestre et dans les vingt (20) jours suivant la fin de l'exercice.</p> <p>Tous les Ministères et entités de l'administration centrale qui ne sont pas placées sous la tutelle d'un quelconque Ministère préparent et soumettent au Ministre leurs rapports trimestriel et annuel d'exécution du budget, y compris la</p>
--	---	---

<p>mu ngengo y'imari n'iyerekeye ibikorwa.</p> <p>Izo raporo zitangwa mu minsi makumyabiri (20) ikurikira irangira rya buri gihembwe no mu minsi mirongo ine n'itanu (45) ikurikira irangira ry'umwaka.</p> <p>Buri gihembwe na buri mwaka, Minisitiri ategura raporo ihujwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari inagaragaza uburyo ibyateganyijwe mu iyinjizwa ry'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo mu ngengo y'imari byashyizwe mu bikorwa, akayitangaza ku rubuga rw'ikoranabuhanga rwa Minisitiri.</p> <p>Minisitiri ategura kandi agashyikiriza Umutwe w'Abadepite binyuze mu Nama y'Abaminisitiri, raporo ihujwe y'amezi atandatu (6) ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Leta.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena imiterere n'ibikubiye muri raporo y'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari n'iy'ibikorwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 78:</u> Itegurwa n'itangwa rya raporo y'ibaruramari by'inzego za Leta</b></p> <p>Inzego z'ubutegetsi bwite bwa Leta n'inzego zegerejwe abatwaga zose zitegura kandi</p>	<p>Such reports are submitted within twenty (20) days after the end of each quarter and forty-five (45) days after the end of the fiscal year.</p> <p>On a quarterly and annual basis, the Minister prepares a consolidated budget execution report which also includes gender budget statement and publishes it on the Ministry's website.</p> <p>The Minister prepares and submits, through the Cabinet, a mid-year consolidated budget execution report to the Chamber of Deputies.</p> <p>A Ministerial Order determines the format and contents of the budget execution and activity reports.</p> <p><b><u>Article 78:</u> Preparation and submission of financial statements of public sector entities</b></p> <p>All central Government entities and decentralised entities prepare and submit</p>	<p>déclaration d'équité budgétaire entre les sexes et leurs rapports d'activités.</p> <p>Ces rapports sont soumis dans les vingt (20) jours suivant la fin de chaque trimestre et dans les quarante-cinq (45) jours suivant la fin de l'exercice.</p> <p>Chaque trimestre et chaque année, le Ministre prépare un rapport consolidé d'exécution du budget qui inclut la déclaration d'équité budgétaire entre les sexes et publie ce rapport sur le site web du Ministère.</p> <p>Le Ministre prépare et soumet à la Chambre des Députés un rapport semestriel consolidé d'exécution du budget par l'intermédiaire du Conseil des Ministres.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine le format et le contenu du rapport d'exécution du budget et du rapport d'activités.</p> <p><b><u>Article 78 :</u> Préparation et présentation des états financiers des entités publiques</b></p> <p>Toutes les entités de l'administration centrale et les entités décentralisées préparent et</p>
---	---	--



<p>zigashyikiriza Minisitiri raporo z'ibaruramari buri kwezi bitarenze umunsi wa makumyabiri (20) ukurikira ukwezi kurangiye.</p> <p>Inzego zose zikurikira zigomba gushyikiriza Minisitiri raporo z'ibaruramari z'igihembwe bitarenze umunsi wa makumyabiri (20) ukurikira irangira ry'igihembwe:</p> <p>1° ibigo bya Leta bikora imirimo itari iy'ubucuruzi bidahabwa ingengo y'imari iturutse mu kigeza cya Leta;</p> <p>2° inzego zihariye mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta;</p> <p>3° amasosiyete y'ubucuruzi ya Leta.</p> <p>Urwego rwose rwa Leta rugomba gushyikiriza Minisitiri raporo z'ibaruramari za buri mwaka rugaha kopi Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu minsi mirongo ine n'itanu (45) ukurikira umwaka w'ingengo y'imari urangiye.</p> <p>Urwego rwose rwa Leta rugomba gushyikiriza Minisitiri raporo z'umwaka kandi rukazitangaza ku mbuga zarwo z'ikorabuhanga, izo raporo zikubiyemo raporo z'imari zagenzuwe n'amakuru ajyanye n'ibikorwa by'urwego, umusaruro warwo n'imiyoborere, mu gihe cy'ukwezi kumwe (1) gukurikira umunsi w'isoza ry'igenzura.</p>	<p>monthly financial statements to the Minister no later than the twentieth (20<sup>th</sup>) day following the end of the month.</p> <p>All the following entities must submit the quarterly financial statements to the Minister no later than the twentieth (20<sup>th</sup>) day following the end of the quarter:</p> <p>1° non-commercial public institutions which do not receive budget from the National Treasury;</p> <p>2° special organs in terms of public finance management;</p> <p>3° State-owned companies.</p> <p>Each public sector entity must submit its annual financial statements to the Minister with a copy thereof to the Auditor General of State Finances within forty-five (45) days following the end of the fiscal year.</p> <p>Each public sector entity must submit to the Minister and publish on its website the annual reports that include the audited financial statements and information on its operations, performance, and governance, within one (1) month after completion of the audit.</p>	<p>soumettent au Ministre les états financiers mensuels au plus tard le vingtième (20<sup>ème</sup>) jour suivant la fin du mois.</p> <p>Toutes les entités suivantes doivent soumettre les états financiers trimestriels au Ministre au plus tard le vingtième (20<sup>ème</sup>) jour suivant la fin du trimestre :</p> <p>1° les établissements publics à caractère non commercial qui ne reçoivent de budget du Trésor national ;</p> <p>2° les organes spécialisés en termes de gestion des finances publiques;</p> <p>3° les sociétés commerciales de l'État.</p> <p>Chaque entité publique doit remettre ses états financiers annuels au Ministre et en réserve copie à l'Auditeur général des Finances de l'État dans les quarante-cinq (45) jours suivant la clôture de l'exercice.</p> <p>Chaque entité publique doit soumettre au Ministre et publier sur son site web les rapports annuels qui incluent les états financiers vérifiés et des informations sur les opérations, les performances et la gouvernance dans un délai d'un (1) mois suivant la fin de l'audit.</p>
---	---	---

<p>Iteka rya Minisitiri rigena ibikurikizwa mu micungire y'imari n'umutungo bya Leta, ibaruramari n'uko amashami y'inzego za Leta atanga raporo.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena kandi uburyo bwihariye bwo gukora raporo z'ibaruramari n'ibizikubiyemo na raporo z'umwaka z'urwego rwa Leta.</p> <p><b><u>Ingingo ya 79: Itegurwa n'itangwa rya raporo y'ibaruramari ihujwe</u></b></p> <p>Minisiteri itegura kandi igashyikiriza Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta raporo y'ibaruramari ihujwe bitarenze tariki ya 30 Nzeri y'umwaka w'ingengo y'imari ukurikiyeho.</p> <p>Raporo y'ibaruramari ihujwe ikubiyemo iy'inzego zose za Leta mu buryo bwagenwe n'iteka rya Minisitiri.</p> <p>Minisiteri itangaza raporo y'ibaruramari ihujwe yagenzuwe ku rubuga rw'ikoranabuhanga rwayo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta bushyikirije Inteko Ishinga Amategeko raporo y'ubugenzuzi.</p>	<p>A Ministerial Order determines procedures for public finance management, accounting and reporting by subsidiary entities.</p> <p>A Ministerial Order also determines the specific format and contents of the financial statements and annual reports of a public sector entity.</p> <p><b><u>Article 79: Preparation and submission of consolidated financial statements</u></b></p> <p>The Ministry prepares and submits to the Office of the Auditor General of State Finances the consolidated financial statements no later than 30 September of the following fiscal year.</p> <p>The consolidated financial statements include public sector entities' financial statements in such manner as prescribed by the Ministerial Order.</p> <p>The Ministry publishes the audited consolidated financial statements on its website within one (1) month of the audit report of the Office of the Auditor General of State Finances being presented to Parliament.</p>	<p>Un arrêté ministériel fixe les modalités de gestion des finances publiques, de comptabilité et de rapports des entités affiliées.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine le format et le contenu spécifiques des états financiers et des rapports annuels d'une entité publique.</p> <p><b><u>Article 79 : Préparation et soumission des états financiers consolidés</u></b></p> <p>Le Ministère prépare et soumet à l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État les états financiers consolidés au plus tard le 30 septembre de l'exercice suivant.</p> <p>Les états financiers consolidés comprennent les états financiers des entités publiques de la manière prescrite par arrêté ministériel.</p> <p>Le Ministère publie les états financiers consolidés vérifiés sur son site web dans un délai d'un (1) mois suivant la présentation au Parlement du rapport d'audit de l'Auditeur général des Finances de l'État.</p>
---	---	--

<b><u>Ingingo ya 80: Igenzura ry'inzego za Leta</u></b>	<b><u>Article 80: Audit of public sector entities</u></b>	<b><u>Article 80 : Audit des entités publiques</u></b>
<p>Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rugenzura imicungire y'imari n'umutungo bya Leta mu nzego zose za Leta.</p> <p>Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta rufite ububasha bwo gusaba amakuru n'inyandiko rukeneye mu nzego zose za Leta, mu bakozi ba Leta n'undi wese wakenerwa, rugamije kurangiza inshingano zarwo.</p> <p>Mu igenzura rya raporo z'ibaruramari z' inzego za Leta no mu igenzura rya raporo y'ibaruramari ihujwe, urwego rwa Leta na Minisiteri, bishingiye ku myanzuro y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, bishobora gukosora aho biri ngombwa hagamijwe kugaragaza ishusho nyakuri y'ibaruramari y'urwego. Iyo hari ibyakosowe muri raporo y'ibaruramari y'urwego rwa Leta mbere y'uko igenzura rya raporo y'ibaruramari ihujwe rirangira, ibyakosowe bimenyeshwa Minisiteri kugira ngo byitabweho mu gukosora raporo y'ibaruramari ihujwe.</p>	<p>The Office of the Auditor General of State Finances carries out an audit of public finance management in all public sector entities.</p> <p>The Office of the Auditor General of State Finances has the power to require from any public sector entity, public servant and any other person who may be deemed necessary such information and documents as are required to perform its responsibilities.</p> <p>During the audit of the financial statements of public sector entities and of the consolidated financial statements, a public sector entity and the Ministry may in line with the audit recommendations of the Office of the Auditor General of State Finances, effect necessary adjustments with a view to achieving a fair presentation of their respective financial positions. Where adjustments are made to a public sector entity's financial statements before the finalisation of the audit of the consolidated financial statements, such adjustments are communicated to the Ministry to facilitate corresponding adjustments to the consolidated financial statements.</p>	<p>L'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État procède à un audit de la gestion des finances publiques dans toutes les entités publiques.</p> <p>L'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État a le pouvoir de demander à toute entité publique, à tout agent de l'État et à toute autre personne pouvant être jugée nécessaire de lui fournir des informations et des documents dont il a besoin pour accomplir ses attributions.</p> <p>Lors de l'audit des états financiers des entités publiques et des états financiers consolidés, une entité publique et le Ministère peuvent, conformément aux recommandations d'audit de l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État, procéder aux ajustements nécessaires en vue d'une présentation fidèle de leurs situations financières respectives. Lorsque des ajustements sont faits aux états financiers d'une entité publique avant la finalisation de l'audit des états financiers consolidés, ces ajustements sont communiqués au Ministère pour faciliter des ajustements correspondants dans les états financiers consolidés.</p>

<p>Buri Muyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n’umutungo bya Leta, Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi, Umuyobozi w’Inama Njyanama, Umuyobozi w’urwego rwa Leta cyangwa undi wese wakenerwa ashobora gusabwa n’Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w’Abadepite, gutanga ibisobanuro ku mikoreshereze y’amafaranga n’umutungo bya Leta.</p>	<p>Each Chief Budget Manager, executive head, chairperson of the board of directors, chairperson of the Council, head of a public sector entity or any other person deemed necessary may be ordered by Parliament, Chamber of Deputies, to provide explanations on the use of public funds and property.</p>	<p>Chaque Gestionnaire principal du budget, responsable exécutif, président du conseil d’administration, président du Conseil, responsable d’une entité publique ou toute autre personne jugée nécessaire peut se voir enjoindre par le Parlement, Chambre des Députés, de fournir des explications sur l’utilisation des fonds et biens publics.</p>
<p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n’umutungo bya Leta ni we ushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry’imyanzuro y’Urwego rw’Ubugenzuzi Bukuru bw’Imari ya Leta igamije gutunganya imicungire inoze n’imikoreshereze y’amafaranga n’umutungo bya Leta.</p>	<p>The Chief Budget Manager is responsible for implementing the recommendations of the Office of the Auditor General of State Finances aimed at improving the effectiveness of the management and use of public funds and property.</p>	<p>Le Gestionnaire principal du budget est chargé de mettre en œuvre les recommandations de l’Office de l’Auditeur général des Finances de l’État visant à améliorer l’efficacité de la gestion et de l’utilisation des fonds et des biens publics.</p>
<p>Umugenzuzi Mukuru w’Imari ya Leta atangaza raporo y’igenzura y’umwaka ku rubuga rw’ikoranabuhanga rw’urwego ayobora mu gihe cy’ukwezi kumwe (1) amaze kuyishyikiriza Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>The Auditor General of State Finances publishes the annual audit report on the Office’s website within one (1) month of it being presented to Parliament.</p>	<p>L’Auditeur général des Finances de l’État publie le rapport d’audit annuel sur le site web de l’Office dans un délai d’un (1) mois suivant sa présentation au Parlement.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 81: Igenzura bwite ry’imari n’umutungo bya Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 81: Function of internal audit of public finance</u></b></p>	<p><b><u>Article 81: Fonction d’audit interne des finances publiques</u></b></p>
<p>Umugenzuzi Bwite Mukuru ashinzwe gutanga ibipimo ngenderwaho by’igenzura bwite n’imicungire y’ibyateza ingorane, gukurikirana no guhuza ibikorwa by’abagenzuzi bwite mu nzego za Leta.</p>	<p>The Internal Auditor General is responsible for setting standards for internal audit and risk management, monitoring and coordinating services of internal auditors in public sector entities.</p>	<p>L’Auditeur général interne est chargé d’établir des normes d’audit interne et de gestion des risques, de surveiller et de coordonner les services des auditeurs internes au sein des entités publiques.</p>

<p>Umugenzuzi Bwite Mukuru akurikirana ishyirwa mu myanya, kubakirwa ubushobozi, imikorere n’imicungire by’abagenzuri bwite mu nzego z’ubutegetsi bwite bwa Leta no mu nzego zegerejwe abaturatione.</p> <p>Iteka rya Minisitiri rigena inshingano zihariye z’Umugenzuzi Bwite Mukuru rikanagena inshingano, imitunganyirize n’imikorere by’Ubugenzuzi Bwite bwo mu nzego za Leta.</p> <p>Raporo y’ubugenzuzi bwite ya nyuma ishyikirizwa umuyobozi w’urwego rwa Leta, Inama Njyanama cyangwa Inama y’Ubuyobozi, Umuyobozi Mukuru ushinze gucunga imari n’umutungo bya Leta agahabwa kopi.</p> <p>Umuyobozi w’urwego, Inama Njyanama cyangwa Inama y’Ubuyobozi bakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’imyanzuro y’ubugenzuzi bwite, binyuze muri Komite y’ubugenzuzi.</p>	<p>The Internal Auditor General oversees the recruitment, capacity-building for, performance and management of internal auditors in central Government and decentralized entities.</p> <p>A Ministerial Order determines specific duties of the Internal Auditor General as well as responsibilities, organisation and functioning of internal auditing in public sector entities.</p> <p>A final internal audit report is submitted to the executive head, the Council or the board of directors, with a copy to the Chief Budget Manager.</p> <p>The executive head, the Council or the board of directors monitors, through the audit committee, the implementation of audit recommendations.</p>	<p>L’Auditeur général interne assure le contrôle du recrutement, du renforcement des capacités, des performances et de la gestion des auditeurs internes au sein des entités de l’administration centrale et des entités décentralisées.</p> <p>Un arrêté ministériel détermine les fonctions spécifiques de l’Auditeur général interne ainsi que les attributions, l’organisation et le fonctionnement de l’audit interne au sein des entités publiques.</p> <p>Un rapport final d’audit interne est soumis au responsable exécutif, au Conseil ou au conseil d’administration, avec copie au Gestionnaire principal du budget.</p> <p>Le responsable exécutif, le Conseil ou le Conseil d’Administration assure, par l’intermédiaire du comité d’audit, le suivi de la mise en œuvre des recommandations d’audit.</p>
--	--	---

<p><b>MUTWE WA VII: KUTUBAHIRIZA AMATEGEKO N'IBIHANO</b></p>	<p><b>CHAPTER VII: NON-COMPLIANCE WITH LAWS AND SANCTIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE VII : NON RESPECT DES LOIS ET SANCTIONS</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 82:</u> Uburyozwe bwo gukoresha amafaranga ya Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko</b></p>	<p><b><u>Article 82:</u> Liability for unlawful public expenditure</b></p>	<p><b><u>Article 82 :</u> Responsabilité pour dépenses publiques illégales</b></p>
<p>Iyo urwego rwa Leta rukoresheje amafaranga mu buryo bunyuranyije n'amategeko, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta ni we uryozwa igihombo. Ubwo buryozwe bwiyongera ku bihano biteganyijwe n'amategeko ahana ibyaha.</p>	<p>When a public sector entity incurs an unlawful expenditure, the Chief Budget Manager is held liable for losses arising from such unlawful expenditure. Such liability is in addition to penalties provided for under criminal Laws.</p>	<p>Lorsqu'une entité publique engage des dépenses illégales, le Gestionnaire principal du budget est tenu pour responsables des pertes découlant de ces dépenses illégales. Cette responsabilité s'ajoute aux peines prévues par les lois pénales.</p>
<p>Iyo umukozi wahawe ububasha n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta cyangwa umuyobozi w'urwego rushamikiye ku rundi yemeje ikoresha ry'amafaranga mu buryo bunyuranyije n'amategeko, Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta n'umukozi wahawe ububasha baryozwa ibihombo, buri wese ku rwego rw'uruhare rwe mu ikosa ryakozwe, ubwo buryozwe bukiyongera ku bihano biteganyijwe n'amategeko ahana ibyaha.</p>	<p>When a staff member to whom the Chief Budget Manager delegates his or her powers or a head of a subsidiary entity authorizes an unlawful expenditure, the Chief Budget Manager and such a staff member with delegated powers are, in addition to being liable to penalties provided for under criminal Laws, each held liable for the losses arising from such unlawful expenditure in proportion to their respective degrees of fault.</p>	<p>Lorsqu'un membre du personnel auquel le Gestionnaire principal du budget délègue ses pouvoirs ou un responsable d'une d'entité affiliée autorise des dépenses illégales, le Gestionnaire principal du budget et ce membre du personnel disposant d'une délégation de pouvoirs sont, en plus d'être passibles des peines prévues par les lois pénales, tenus individuellement responsables des pertes qui en découlent proportionnellement à l'étendue de la faute imputée à chacun d'eux.</p>
<p>Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta n'umukozi wahawe ububasha bahagarara gukurikiranwaho uburyozwe buvugwa muri iyi ngingo gusa iyo bamaze kugaragaza ko gukoresha amafaranga</p>	<p>The Chief Budget Manager and the staff member with delegated powers are relieved from the liability provided for under this Article only when they prove that such</p>	<p>Le Gestionnaire principal du budget et le membre du personnel disposant d'une délégation de pouvoirs ne sont libérés de la responsabilité prévue par le présent article que lorsqu'ils prouvent que ces dépenses</p>

<p>mu buryo bunyuranyije n'amategeko bitakomotse ku buriganya cyangwa ku burangare.</p> <p><b><u>Ingingo ya 83:</u> Uburyozwe bwo kutubahiriza amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta</b></p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko ahana ibyaha, iyo Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta, abishaka cyangwa ku bw'uburangare bukabije, atubahirije ibiteganywa n'iri tegeko ngenga, andi mategeko n'amateka yerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta, ariyozwa amakosa yakoze hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko ahana ibyaha, iyo umuyobozi w'urwego abishaka cyangwa ku bw'uburangare bukabije atubahirije ibiteganywa n'iri tegeko ngenga n'andi mategeko yerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta cyangwa atanze amabwiriza abuza Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari n'umutungo bya Leta cyangwa undi mukozi, kubahiriza ayo mategeko, uwo muyobozi w'urwego ariyozwa amakosa yakoze hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>unlawful expenditure is not the result of their bad faith or negligence.</p> <p><b><u>Article 83:</u> Liability for non-compliance with the Laws governing public finance management</b></p> <p>Without prejudice to the provisions of criminal Laws, when the Chief Budget Manager, wilfully or gross negligently, fails to comply with the provisions of this Organic Law, other Laws and Orders relating to public finance management, he or she is held liable, in accordance with relevant legislation, for the faults committed by him or her.</p> <p>Without prejudice to the provisions of criminal Laws, when the executive head, wilfully or gross negligently, fails to comply with the provisions of this Organic Law or other Laws relating to public finance management, or issues instructions that prevent the Chief Budget Manager or any other staff member from complying with such legal provisions, the executive head is held liable, in accordance with relevant legislation, for the faults committed by him or her.</p>	<p>illégales ne résultent pas de leur mauvaise foi ou négligence.</p> <p><b><u>Article 83:</u> Responsabilité pour non-respect des lois régissant la gestion des finances publiques</b></p> <p>Sans préjudice des dispositions des lois pénales, lorsque le Gestionnaire principal du budget manque, délibérément ou par négligence grave, au respect des dispositions de la présente loi organique, celles d'autres lois et arrêtés relatifs à la gestion des finances publiques, il est tenu responsable, conformément à la législation en la matière, des fautes commises par lui.</p> <p>Sans préjudice des dispositions des lois pénales, lorsque le responsable exécutif manque, délibérément ou par négligence grave, au respect des dispositions de la présente loi organique ou d'autres lois relatives à la gestion des finances publiques, ou émet des instructions qui empêchent le Gestionnaire principal du budget ou tout autre membre du personnel de respecter ces dispositions légales, il est tenu responsable, conformément à la législation en la matière, des fautes commises par lui.</p>
---	---	--

<p>Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko ahana ibyaha, iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi y'urwego rwa Leta, abishaka cyangwa ku bw'uburangare bukabije, ashyigikiye icyemezo gituma urwego rwa Leta rutubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko ngenga, n'andi mategeko yerekeye imicungire y'imari n'umutungo bya Leta, aryoza amakosa yakoze hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>Without prejudice to the provisions of criminal Laws, when a member of the board of directors of a public sector entity, wilfully or gross negligently, supports a decision that causes a public sector entity to fail to comply with the provisions of this Organic Law and any other legislation relating to public finance management, such a member is held liable, in accordance with relevant Laws, for the faults committed by him or her.</p>	<p>Sans préjudice des dispositions des lois pénales, lorsqu'un membre du conseil d'administration d'une entité publique appuie, délibérément ou par négligence grave, une décision ayant pour résultat d'empêcher cette entité publique de respecter les dispositions de la présente loi organique et celles de toute autre législation relative à la gestion des finances publiques, ce membre est tenu responsable, conformément à la législation en la matière, des fautes commises par lui.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 84:</u> Kugaruza amafaranga ya Leta yahombejwe bikomotse ku cyaha</b></p>	<p><b><u>Article 84:</u> Recovery of loss of public funds occurring as a result of an offence</b></p>	<p><b><u>Article 84 :</u> Recouvrement de fonds publics perdus suite à une infraction</b></p>
<p>Iyo hari igihombo cy'amafaranga ya Leta cyakomotse ku cyaha giteganywa n'amategeko mpanabyaha, urukiko rutegeka ko amafaranga ya Leta agaruzwa hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>When there is a loss of public funds occurring as a result of an offence provided for under criminal Laws, the court orders recovery of such public funds in accordance with relevant legislation.</p>	<p>Lorsqu'il y a une perte de fonds publics occasionnée par une infraction prévue par les lois pénales, la juridiction ordonne le recouvrement de ces fonds publics conformément à la législation en la matière.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 85:</u> Amakosa yo kutubahiriza amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta n'ingaruka zayo</b></p>	<p><b><u>Article 85:</u> Faults constituting a breach of Laws governing public finance management and related consequences</b></p>	<p><b><u>Article 85 :</u> Fautes constitutives d'une violation de lois régissant la gestion des finances publiques et conséquences qui en découlent</b></p>
<p>Iyo urwego rwa Leta rukoze kimwe muri ibi bikurikira, ruba rukoze ikosa:</p>	<p>If a public sector entity commits any of the following acts commits a fault:</p>	<p>Une entité publique qui commet l'un des actes suivants commet une faute :</p>
<p>1° rudateguye ngo rutange raporo zitegetswe;</p>	<p>1° failing to prepare and submit reports as required;</p>	<p>1° ne pas préparer ni soumettre les rapports requis ;</p>



*Official Gazette n° 50 of 12/12/2022*

<p>2° rudakurikije ingengabihe zagenwe n'amategeko abigenga;</p> <p>3° rudatanze amakuru yasabwe na Minisiteri;</p> <p>4° rudatanze amakuru cyangwa inyandiko byasabwe n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta mu gihe cyagenwe;</p> <p>5° ruhaye Minisiteri cyangwa Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, amakuru y'ibinyoma ku bushake;</p> <p>6° ruhaye Minisiteri cyangwa Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, raporo z'ibaruramari zikoze mu buryo butuzuye;</p> <p>7° rubangamiye ishyirwa mu bikorwa ry'ibiteganywa n'iri tegeko ngenga;</p> <p>8° rutubahirije ingingo z'iri tegeko ngenga cyangwa iz'andi mategeko yerekeye imari n'umutungo bya Leta;</p>	<p>2° failing to comply with the timelines specified by relevant legislation;</p> <p>3° failing to provide information requested by the Ministry;</p> <p>4° failing to provide information or documents required by the Office of the Auditor General of State Finances within specified timeframes;</p> <p>5° wilfully furnishing false information to the Ministry or the Office of the Auditor General of State Finances;</p> <p>6° submitting materially inaccurate financial statements to the Ministry or the Office of the Auditor General of State Finances;</p> <p>7° obstructing the implementation of the provisions of this Organic Law;</p> <p>8° violating any provisions of this Organic Law or other Laws relating to public finance;</p>	<p>2° ne pas respecter les délais fixés par la législation en la matière ;</p> <p>3° ne pas fournir les informations requises par le Ministère ;</p> <p>4° ne pas fournir dans les délais prévus les informations ou documents requis par l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État;</p> <p>5° fournir délibérément de fausses informations au Ministère ou à l'Office de l'Auditeur général des Finances de l'État ;</p> <p>6° soumettre au Ministère ou à l'Office de l'Auditeur Général des Finances de l'État des états financiers substantiellement inexacts ;</p> <p>7° faire obstruction à la mise en œuvre des dispositions de la présente loi organique ;</p> <p>8° violer l'une quelconque des dispositions de la présente loi organique ou d'autres lois relatives aux finances publiques ;</p>
---	---	--

<p>Bitabangamiye andi mategeko abigenga, Minisitiri ashobora kurufatira kimwe mu byemezo bikurikira:</p> <p>1° gusaba ko urwego bireba rumushyikiriza gahunda igaragaza uko ikosa ryakozwe rizakosorwa;</p> <p>2° gutangaza ibimenyetso by'igikorwa cyo kutubahiriza amategeko cyakozwe hamwe n'amazina y'abakigizemo uruhare;</p> <p>3° gushyiraho umujyanama wihariye w'urwego rwa Leta, ufite ububasha bwo kugera ku makuru yose n'inyandiko by'urwego bireba;</p> <p>4° kugabanya ku mafaranga yagenwe mu ngengo y'imari y'urwo rwego rwa Leta umubare w'amafaranga yakoreshejwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko n'amafaranga yahombye adashobora kwishyuzwa;</p> <p>5° gufatira ku mafaranga ava mu kigega cya Leta ahabwa urwego cyangwa gufatira konti zo muri banki z'urwo rwego, cyangwa kubikora byombi.</p>	<p>The Minister may, without prejudice to other relevant Laws, take against a public sector entity any of the following actions:</p> <p>1° to require the entity concerned to submit to him or her a corrective action plan to remedy the fault;</p> <p>2° to publish facts proving the breach of Laws along with the names of those involved therein;</p> <p>3° to appoint a special advisor to the public sector entity, who is empowered to access any information and documents of the entity concerned;</p> <p>4° to deduct from a budget appropriation for the public sector entity the amount of unlawful expenditure and loss of public funds that cannot be recovered;</p> <p>5° withhold transfers from National Treasury to the entity and/or freeze the entity's bank accounts.</p>	<p>Le Ministre peut, sans préjudice d'autres lois en la matière, prendre contre une entité publique l'une des mesures suivantes :</p> <p>1° exiger de l'entité concernée qu'elle lui soumette un plan de mesures correctives pour remédier à la faute ;</p> <p>2° publier les faits prouvant la violation des lois ainsi que les noms de personnes qui y sont impliquées ;</p> <p>3° nommer un conseiller spécial auprès de l'entité publique qui est habilité à accéder à toutes les informations et documents de l'entité concernée ;</p> <p>4° déduire d'une dotation budgétaire de l'entité publique le montant des dépenses illégales et de la perte de fonds publics ne pouvant pas être recouverts ;</p> <p>5° retenir les virements du Trésor national à l'entité et/ou geler les comptes bancaires de l'entité.</p>
--	---	--

<p><b>UMUTWE WA VIII: INGINGO Y'INZIBACYUHO N' IZISOZA</b></p>	<p><b>CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 86:</u> Amateka asanzwe akurikizwa</b></p> <p>Amateka ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 12/2013/OL ryo ku wa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, akomeza kubahirizwa mu ngingo zayo zose zitanyuranyije n'iri tegeko Ngenga mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12), uherye ku munsu iri tegeko ngenga ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 86:</u> Orders currently in force</b></p> <p>Orders enacted under Organic Law n° 12/2013/OL of 12/09/2013 on State finances and property remain in force in all their provisions which are not inconsistent with this Organic Law for a period not exceeding twelve (12) months from the publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 86:</u> Arrêtés actuellement en vigueur</b></p> <p>Les arrêtés pris en vertu de la Loi organique n° 12/2013/OL du 12/09/2013 relative aux finances et au patrimoine de l'État restent en vigueur dans toutes leurs dispositions qui ne sont pas contraires à la présente loi organique, et ce, pour une période n'excédant pas douze (12) mois à compter de la publication de la présente loi organique au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 87:</u> Itegurwa, isuzuma n'itorwa by'iri tegeko ngenga</b></p> <p>Iri tegeko ngenga ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 87:</u> Drafting, consideration and adoption of this Organic Law</b></p> <p>This Organic Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p><b><u>Article 87:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi organique</b></p> <p>La présente loi organique a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 88:</u> Ivanwaho ry'itegeko ngenga n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko ngenga</b></p> <p>Itegeko Ngenga n° 12/2013/OL ryo ku wa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta, n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p>	<p><b><u>Article 88:</u> Repealing provision</b></p> <p>Organic Law n° 12/2013/OL of 12/09/2013 on State finances and property as well as all prior legal provisions contrary to this Organic Law are repealed.</p>	<p><b><u>Article 88:</u> Disposition abrogatoire</b></p> <p>La Loi organique n° 12/2013/OL du 12/09/2013 relative aux finances et au patrimoine de l'État ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 89: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa</u></b></p> <p>Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 89: Commencement</u></b></p> <p>This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><b><u>Article 89 : Entrée en vigueur</u></b></p> <p>La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	---

Kigali, 12/12/2022

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux